# INTEGUZA y'ubugorozi

Vol. 65, No.4



## UBUTUMWA BUGENEWE IMINSI Y'IMPERUKA

ICYUMWERU CYO GUSENGA | UKUBOZA 06 - 15, 2024

# INTEGUZA y'ubugorozi

Umuzingo wa 65, Nimero ya 4

IBIKUBIYEMO

**Umwanditsi**
Ubutumwa Bugenewe Iminsi y'Imperuka .......................... 3

**Ubutumwa bwihariye bw'Imana**
Kubwo kwitegura byimazeyo kugaruka kwa Kristo, no guha agaciro ibyo byiringiro mu buryo bukomeye, ubutumwa bushobora kuba muri twe! .............................. 4

**Nuko rero gira umwete; wihane**
Kwihana by'ukuri ni ukwihana mu buryo bwimbitse, tukihana by'ukuri ku mpamvu yo kubaho kwacu imbere y'Imana yera kandi ikiranuka. ............................................ 8

**Guhinduka**
Guhinduka ni ukugira impinduka mu mitima yacu binyuze mu mbaraga z'urukundo rw'Imana. ............................................ 12

**Guhanagurwa kw'ibyaha**
Icyaha kigomba kurenga kubabarirwa [gusa], gikeneye gukurwaho!......................................................................... 16

**Ibihe by'ihemburwa**
Imvura y'itumba igomba gusukwa ku bwinshi igasukirwa abantu bejejwe. .................................................................. 20

**Kugaruka kwa Yesu Kristo**
Dufite amahirwe yo kwitegura no gutebutsa Ibyiringiro by'Umugisha ........................................................................ 24

**Ubwami bw'ubwiza**
Ubu ngubu ni amahirwe yacu kwita ku Mutware w'Ijuru dutegerezanyije amatsiko ................................................. 28

**Igisigo**
Ubutumwa bugomba gukwirakwizwa............................. 32

## GUSENGA DUSABA IMBARAGA

Amakuru menshi arahari! Amenshi muri yo ni ibinyoma, naho amwe muri yo ni ukuri. Nyamara se nubwo ibyo byaba ari byo, ni iki mu by'ukuri dukwiriye kwitaho cyane dushishikaye? Ni iki tugomba gutekerezaho? Umuremyi wacu adufitiye ubutumwa bwihariye tugomba kumenya kandi tukabusangiza n'abandi muri iyi minsi y'imperuka – kandi iki Cyumweru cyo Gusenga ngarukamwaka kiduha umwanya mwiza cyane wo gushyira hamwe tukabwibandaho. Uwiteka yatubereye mwiza cyane mu mwaka ushize. Turacyariho kandi dufite amahirwe y'agaciro kenshi yo kwitabira iyi gahunda [yo gusenga].

"Amabuye y'agaciro kenshi y'ukuri ari munsi y'ubutaka, kandi buri saha yose umuntu amara ayashakisha azayihemberwa. Hunika mu bwenge bwawe amahame y'ubutumwa bwiza bwa Kristo; kandi ushakane umwete ubutunzi buhishwe mu Ijambo ry'Imana. Ijuru ryose riri kwitegereza kugirango rirebe icyo umuntu azakoresha amabwiriza n'amasezerano ya Yehova." – *Urwibutso n'Integuza,* kuwa 03 Ukuboza 1889.

"Hari ukuri kwinshi kw'agaciro kenshi kuboneka mu ijambo ry'Imana, ariko '*ukuri kugenewe iki gihe*' niko umukumbi ukeneye ubu ngubu." – *Inyandiko z'Ibanze,* p.63.

Mu gihe tujya mbere mu gusoma insanganyamatsiko igira iti '*Ubutumwa bugenewe Iminsi y'Imperuka*', dufite intego yo gusobanukirwa by'ukuri ubwo butumwa no kubushyira mu bikorwa, ukwizera kwacu kuzagororerwa cyane. Nimutyo dusangire imigisha ikomeye y'ibi bisomwa n'abandi bashobora kuba bari bonyine cyangwa abari mu ngo zabo, kandi twibuke amatariki akurikira:

**Gusenga no kwiyiriza ubusa: Ku Isabato 14 Ukuboza**

**Amaturo yo gufasha umurimo: Ku wa mbere, 15 Ukuboza**

Uwiteka mu buntu Bwe, asubize icyifuzo kivuye ku mutima cy'abantu bose bifuza by'ukuri kubaho mu buryo buhuje n'ubu butumwa no guhabwa Umwuka we Wera mu mbaraga y'imvura y'itumba muri iki Cyumweru cyo Gusenga!

**Icapiro ry'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura**

"Icyo isi ikeneye cyane kurusha ibindi byose ni abantu batagurwa cyangwa ngo bagurishwe" – *Uburezi,* p.57.

Umwanditsi Mukuru — L. Tudoroiu
Umwanditsi Wungirije — B. Montrose
Ushinzwe Ubugeni no Gutunganya Igitabo — E. Lee

**Web:** http://www.sdarm.org; **E-mail:** info@sdarm.org

**INTEGUZA Y'UBUGOROZI**® (ISSN 0482-0843) ifite imiterere y'ibinyamakuru, ikavuga ku nyigisho ya Bibiliya izakungahaza imibereho y'iby'umwuka y'abashaka kumenya Imana biruseho. Icapwa buri mezi abiri n'Inteko Nkuru Rusange y'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura, Agasanduku k'Iposita 7240 Roanoke, VA 24019 – 0240, USA.

Bicapwa kandi Bigakwirakwizwa n'Icapiro ry'Integuza y'Ubugorozi. Ushaka gutera inkunga no gufasha uyu murimo wakwifashisha imyirondoro ikurikira: Periodical postage paid at Roanoke, Virginia 24022.

**Subscription rates:**
United States: $18.00; Foreign countries: $16.00 plus shipping;
Single issue: $4.00 plus shipping
www.subscriptions.reformationherald.com

**POSTMASTER:** Send address changes to The Reformation Herald, P. O. Box 7240, ROANOKE, VA 24019.

Umuzingo wa 64, Nimero ya 4; Uburenganzira bw'umwanditsi © 2023 Ukwakira–Ukuboza.

**Illustrations:** Adobe Stocks.





# UBUTUMWA BUGENEWE IMINSI Y'IMPERUKA

Shushanya ibyababye: Umwuka Wera yasutswe ku itorero rya mbere mu mbaraga nyinshi z'imvura y'umuhindo. Petero na Yohana bari ku irembo ry'urusengero, aho mu izina rya Yesu w'i Nazareti, Petero yategetse umuntu wari waravutse amugaye guhaguruka, akagenda. Yafashe uwo muntu ukuboko, maze atangira kugenda, asimbuka kandi ahimbaza Imana.

Birumvikana ko icyo gitangaza cyatumye abantu bagira impagarara, kubera ko bari bazi ko uwo ariwe wabaga yicaye asabiriza. Noneho Petero aha icyubahiro cyose Imana ya Aburahamu, Isaka, na Yakobo, kandi abasobanurira iby'Uwera, Umutware w'ubugingo. Agaragaza ukuntu binyuze mu izina rya Yesu, umuntu wari ikirema yahawe imbaraga kubwo kumwizera. Hanyuma Petero avuga ashize amanga mu buryo bweruye ko bari barihakanye Umwami imbere y'abategetsi b'Abaroma, kandi ko bari bahisemo umwicanyi (Baraba), aho guhitamo uwatoranyijwe n'Imana. Hanyuma yavuze ko bari bakoze icyo cyaha babitewe n'ubujiji, ariko akomeza ahishura ko imibabaro ya Kristo yari isohozwa ry'ubuhanuzi.

Ariko se ni iki ibyo bagombaga kubikoraho muri icyo gihe? Amagambo yumvikana agira ati:

**"Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe ngo iminsi yo guhemburwa ibone uko iza ituruka ku Mwami Imana, itume Yesu ari we Kristo wabatoranirijwe kera, uwo ijuru rikwiriye kwakira kugeza ibihe ibintu byose bizongera gutunganirizwa, nk'uko Imana yavugiye mu kanwa k'abahanuzi bera bayo bose uhereye kera kose." (Ibyakozwe n'Intumwa 3:19,20).**

## NI UKUBERA IKI UBU ARI UBUTUMWA BUGENEWE IMINSI Y'IMPERUKA?

Dukurikije ibivugwamo, biragaragara neza ko ayo magambo yavuzwe nyuma gato yuko Kristo azamurwa mu ijuru, ariko na none hari uruhererekane rw'ibyabaye ku Bakristo uhereye icyo gihe:

1. Mwihane – ubu ngubu
2. Muhindukire – ubu ngubu
3. Kugirango ibyaha byanyu (bitari amazina yanyu) bishobore guhanagurwa.
4. Ryari? Mu gihe cy'urubanza rugenzura mbere yuko Kristo agaruka, mu gihe cy'ihemburwa – ubwo Umwuka Wera azasukwa mu gihe cy'imvura y'itumba, mu buryo burenze urugero.
5. Ubwo nibwo ijuru rizohereza Yesu Kristo. Kubera iki bidakorwa vuba? Yesu azaguma mu nkiko zo mu ijuru kugeza igihe buri hame ry'amategeko ye yera, rizasubizwa mu mitima y'abantu – mu muntu wese uziyegurira ubushake Bwe, binyuze mu kumwakira n'umutima we wose, mu buryo bwuzuye.

"Igihe Yesu yahindukaga ishusho irabagirana, yahawe ubwiza na Se. Tumwumva avuga ati: "Noneho Umwana w'umuntu arubahirijwe, kandi Imana na yo yubahirijwe muri we." (Yohana 13:31). Uko ni ko mbere yuko agambanirwa maze akabambwa yahawe imbaraga zimutegurira imibabaro ye iheruka kandi iteye ubwoba. Uko abagize umubiri wa Kristo begereza igihe cy'urugamba ruheruka, ari cyo "gihe cy'umubabaro wa Yakobo", bazakurira muri Kristo, kandi bazagabana ku Mwuka we ku rwego rukomeye. Igihe ubutumwa bwa marayika wa gatatu buzumvikana mu ijwi rirenga, kandi imbaraga ikomeye n'ubwiza bigaherekeza umurimo uheruka, ubwoko bw'Imana bukiranuka buzagabana kuri ubwo bwiza. Ni imvura y'itumba ibaha ububyutse n'imbaraga kugira ngo babashe kunyura mu gihe cy'amakuba. Mu maso habo hazarabagirana ubwiza bwa wa mucyo bwari buri kuri marayika wa gatatu."[1]

Mbese iki nicyo gihe cyagenwe kugirango Yesu aze? Yego rwose! Ni gute dushobora kwitegura? Intambwe zivugwa mu Byakozwe n'Intumwa 3:19 – 21 zirumvikana neza. Nimutyo muri iki Cyumweru cyo Gusenga tuzirikane ubwo butumwa bugenewe iminsi y'imperuka mu buryo bwimbitse kandi tubushyire mu bikorwa tubigiranye umwete mu mitima yacu. ℛ

**Aho Biboneka:**
[1]*Ibihamya by'Itorero*, vol 1, p.353.



Kuwa Gatandatu, 06 Ukuboza 2024

# UBUTUMWA BWIHARIYE BW'IMANA

### Byasonzoranyijwe bikuwe mu Nyandiko za Ellen G. White

## UKWITEGURA KUGARUKA KWA KRISTO

Bene data na bashiki banjye bakundwa,

Mbese twizera n'umutima wose ko Kristo agiye kugaruka bidatinze kandi ko ubu dufite ubutumwa buheruka bw'imbabazi bugomba kubwirwa isi yacumuye? Mbese urugero dutanga ruri uko rwagombye kuba rumeze? Mbese kubw'imibereho yacu n'ibiganiro byacu byera tugaragariza abadukikije ko dutegereje kuboneka kuje ikuzo k'Umwami n'Umucunguzi wacu Yesu Kristo, uzahindura iyi mibiri yo gucishwa bugufi kwacu akayishushanya n'umubiri w'ubwiza bwe? Mfite ubwoba ko tutizera kandi ngo tubone ibi bintu nk'uko bikwiriye kumera. Abantu bizera ukuri kw'ingirakamaro tuvuga, bakwiriye gushyira mu bikorwa ukwizera kwabo. Hari ugukabya mu kurangamira ibinezeza n'ibintu byo muri iyi si bitwara intekerezo z'abantu; intekerezo zirangariye ku myambaro ndetse n'ururimi rukoreshwa mu kuvuga ibitagira agaciro kandi bisuzuguritse; ibyo bikagayisha ibyo twizera, kuko ibiganiro byacu biterekeza mu ijuru aho dutegereje Umukiza ko azava.

Abamarayika baraturinda ndetse bakanatwitaho. Incuro nyinshi dushavuza abo bamarayika binyuze mu kwirundurira mu biganiro bidafite agaciro, byo gutebya n'amashyengo; ndetse kubwo kwimbika mu kutagira icyo twitaho, tuba abapfapfa. Nubwo ubu dushobora gukorana umwete dushaka kugera ku ntsinzi kandi tukayigeraho, nyamara iyo tutayikomeyeho, turohama muri kwa kutagira icyo twitaho. Ntidushobora kwihanganira ibigeragezo no kurwanya umwanzi kandi ntidushobore gutsinda ibishuko no kubasha kunesha umwanzi. Ntabwo twihanganira ikigeragezo cyo kwizera kwacu gufite agaciro kenshi kurusha izahabu. Ntabwo tuba tubabazwa kubwa Kristo kandi ngo tumuheshe ikuzo mu mibabaro.

Hari ukubura gukomeye k'ubutwari bwa Gikristo no gukorera Imana umuntu amaramaje. Ntabwo dukwiriye gushaka gushimisha no kunezeza inarijye, ahubwo dukwiriye gushaka kubaha Imana no kuyihesha ikuzo, kandi mu byo dukora byose n'ibyo tuvuga, tugahanga amaso ku bwiza bwayo. Nitureka imitima yacu igakorwaho n'aya magambo y'ingenzi akurikira kandi igahora iyazirikana, ntituzabasha kugwa mu bishuko mu buryo bworoshye kandi n'amagambo yacu azaba make ndetse abe atoranyijwe neza. Umuhanuzi yaravuze ati: "Ibicumuro byacu nibyo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye niyo adukirisha." "Ijambo ry'impfabusa ryose abantu bavuga, bazaribazwa ku munsi w'amateka." "Uri Imana indeba."

Ntidushobora gutekereza kuri aya magambo y'ingenzi kandi ngo twibuke imibabaro Yesu yagize kugira ngo twe abanyabyaha ruharwa tubashe kubona imbabazi no gucungurirwa Imana kubw'amaraso ye y'igiciro cyinshi ngo tubure kwiyumvamo imbaraga yera idukebura ndetse n'icyifuzo cyo gushaka kubabazwa kubwa Yesu we wababajwe kandi akihanganira byinshi ku bwacu. Nituzirikana ibi bintu, inarijye yacu n'isumbwe ryayo bizacishwa bugufi maze mu mwanya wabyo hajye kwicisha bugufi nk'uk'umwana muto kuzihanganira gucyahwa n'abandi kandi ntituzigera turakazwa mu buryo bworoshye. Nibiba bityo umwuka uyobowe n'inarijye ntuzigera winjira ngo ugenge ubugingo."[1]

## GUKORESHA NEZA IGIGE CYACU DUFITE

Iyo nzirikanye ibintu byinshi twakorewe kugira ngo dukomeze gutungana, bintera gutangara nti: "Mbega urukundo! Mbega urukundo ruhebuje Umwana w'Imana yadukunze twe abanyabyaha b'abatindi! Mbese twaba abapfapfa ntitugire n'icyo twitaho mu gihe ibintu byose bishobora gukorwa biri gukorwa ubu kubw'agakiza kacu? Ijuru ryose ritwitayeho. Dukwiriye kuba bazima tugakangukira kubaha, guha ikuzo no kuramya Isumbabyose.

Imitima yacu ikwiriye gusabwa n'urukundo no gushimira Yesu wasabwe n'urukundo adukunda n'impuhwe atugirira. Dukwiriye kumwubahisha imibereho yacu, ndetse n'ibiganiro bitunganye kandi byera, tukagaragaza ko twabyawe n'ijuru, ko iyi si atari iwacu ko ahubwo turi abagenzi n'abimukira kuri yo, ko ahubwo tugana mu gihugu cyiza.

Abantu benshi bitirirwa izina rya Kristo kandi bavuga ko bategereje kugaruka kwe kugiye kubaho vuba ntibazi icyo kubabazwa kubwa Kristo ari cyo. Imitima yabo ntiyigeze icishwa bugufi n'ubuntu bwe, ntabwo bigeze bapfa ku narijye nk'uko bigaragara kenshi mu buryo butandukanye. Muri icyo gihe kandi baba bavuga kubyo guhura n'ibigeragezo, ariko impamvu shingiro y'ibigeragezo byabo ni umutima utaritanze utuma inarijye ibyuka ku buryo akenshi ibangamirwa. Iyaba bene abo basobanukirwaga icyo kuba umuyoboke wicisha bugufi wa Kristo ari cyo, icyo kuba Umukristo nyakuri ari cyo, batangira gukora neza bashyizeho umwete maze bagatangira neza. Babanza gupfa ku narinjye maze bagasenga ubudasiba kandi bakagenzura buri cyifuzo cy'umutima. Bavandimwe, nimuzibukire ukwiyiringira kwanyu no kumva mwihagije maze mukurikire Cyitegererezo cyacu w'umugwaneza. Muhore mu ntekerezo zanyu muzirikana ko Yesu ari we rugero rwanyu kandi mugomba kugera ikirenge mu cye. Mutumbire Yesu wenyine ariwe Banze ryo kwizera kwacu kandi ariwe ugusohoza rwose, yihanganiye umusaraba kubw'ibyishimo byamushyizwe imbere ntiyita ku isoni zawo. Yihanganiye uko abanyabyaha bamurwanyaga bakamuvuguruza. Mutumbire Yesu w'umugwaneza, umwana w'intama wishwe, wakomerekejwe, agashenjagurwa, agakubitwa kandi akababazwa kubw'ibyaha byacu.[2]

## KUBAHO MU BURYO BUDAHUJE N'AMAHIRWE DUFITE

Ntabwo turi abantu bari ku rugero Imana yifuza ko tugeraho kubera ko tudateza imbere ubugingo bwacu kandi ngo tuboneze ingeso zacu kugira ngo bihure n'ukuri kw'Imana n'imigambi yayo. "Gukiranuka gushyira ubwoko hejuru, ariko ibyaha bikoza isoni amoko yose" (Imigani 14:34). Icyaha kibuza amahwemo. Igihe cyose icyaha cyimakajwe – haba mu mutima w'umuntu, mu muryango no mu itorero; haba umuvurungano, gutandukana, urwango, kurarikira n'ishyari kubera ko umwanzi w'abantu n'Imana afite imbaraga igenga intekerezo. Ariko rero nimutyo ukuri gukundwe kandi kugaragarire mu mibereho, gushyigikirwe kandi umugabo cyangwa umugore yange icyaha bityo abe intumwa nzima igaragariza Yesu Kristo abatuye isi.

Ntabwo abantu bavuga ko bizera ukuri bazacirwaho iteka bitewe n'uko batari bafite umucyo, ahubwo bizaterwa n'uko bari bafite umucyo mwinshi maze ntibagenzuze imitima yabo igipimo cy'amahame y'imico mbonera yo gukiranuka kw'Imana. Abantu bavuga ko bizera ukuri bakwiriye kuzamurwa binyuze mu kubaho mu buryo buhuje nako. Idini nyakuri rya Bibiliya rikwiriye kubera ubugingo umusemburo; rikaboneza kandi rigatunganya imico, rigatuma irushaho gusa n'icyitegererezo mvajuru. Icyo gihe ni ho urugo ruzumvikanamo gusenga, gushima no gusingiza Imana. Abamarayika bazakorera mu rugo kandi baherekeze umuntu ugiye kuramya bajyane mu nzu yo gusengeramo.

Nimutyo amatorero avuga ko yizera ukuri kandi ko ashingiye ku mategeko y'Imana, yubahirize ayo mategeko kandi atandukane no gukiranirwa kose. Nimutyo abagize itorero barwanye ibishuko bibakururira gukora ibibi no kwishimira mu byaha. Nimutyo itorero ritangire umurimo wo kwerezwa imbere y'Imana binyuze mu kwihana, kwicisha bugufi no kwinira kubera ko turi mu munsi ushushanya umunsi w'impongano - ariyo saha ikomeye ifite ingaruka z'iteka ryose.

Reka abantu bigisha ukuri bakwigishe nk'uko kuri muri Yesu. Bemeze nk'ibikoresho bitunganye biyobowe n'imbaraga y'ukuri kw'Imana, imbaraga yeza kandi itunganya. Nimubareke bakwirakwize idini yigishwa na Bibiliya, maze babere urugero abatuye isi yose. Nimureke abagize itorero babe baboneye, bashikamye, batanyeganyezwa, bahore basabwe n'urukundo rwa Yesu, kandi ubwo ni bwo bazabera umucyo abatuye isi.

Nimutyo abantu bafite inshingano yo kuba abarinzi n'abungeri b'umukumbi bamamaze ukuri gukomeye, bavuge amagambo yo kuburira abantu bo mu moko yose, amahanga yose no mu ndimi zose. Nimureke babe intumwa nzima zihagarariye ukuri babereye maso, kandi bubahe amategeko y'Imana bagendera mu byo asaba badakebakeba kandi batunganye, bagendera imbere y'Imana bafite kubonera n'ubutungane kandi imbaraga izabaherekeza mu kwamamaza ukuri kuzakwiza umucyo ahantu hose.

## GUTERA AGAHINDA UMWUKA W'IMANA

Ntabwo Imana yigera itererana abantu batarayireka ubwabo. Ntabwo kurwanya Imana mu buryo bugaragara bizatuma ukwizera k'ubwoko bwayo bwubahiriza mategeko yayo kuzima. Kwirengagiza gukurikiza ukuri no kuba abera bishavuza Umwuka w'Imana kandi bituma bahinduka abanyantege nke kubera ko Imana itari hagati muri bo ngo ibahire. Kujya mu bidafite umumaro kwabo kuzabatera kurekwa n'Imana nk'uko byagendekeye ab'i Yerusalemu.

Nimureke amajwi yo kwinginga n'isengesho rivuye ku mutima byumvikane, kugira ngo abantu babwiriza abandi be kuba mu bwigunge. Bavandimwe, ntabwo tuzi ibiri imbere yacu kandi ubuhungiro bwacu rukumbi buri mu gukurikira Umucyo w'isi.

Nitudakora ibyaha nk'ibyatumye umujinya w'Imana usukwa ku isi ya kera, kuri Sodomu na Gomora ndetse no kuri Yerusalemu ya kera, Imana izakorana na twe kandi idufashe.

Kwica amategeko y'Imana n'iyo haba mu buryo bworoheje bishyira uwayishe ho urubanza, kandi nihatabaho kwihana kumaramaje no kuzinukwa icyaha, uwo muntu azahinduka umuhakanyi byanze bikunze… Nimutyo uko bishoboka kose nk'ishyanga dutunganye aharangwa ukwangirika kw'imico n'ibyaha bikomeye. Igihe icyaha cyidegembya mu bantu bavuga ko berereza amahame y'ubutungane, ni mu buhe buryo dushobora kwitega ko Imana yadutabarisha imbaraga yayo kandi ikadukiza nk'ishyanga rikora ibyo gukiranuka?.... Twebwe nk'ishyanga nituramuka tutagumye mu kwizera, maze tugahoza iby'amategeko y'Imana ku minwa yacu no mu nyandiko gusa, ntidukomeze amategeko y'Imana ngo twe kugira iryo twica tubigambiriye, icyo gihe kurimbuka n'intege nke bizatuzaho. Umurimo dukwiriye gukorera buri torero mu matorero yacu ni uko umuntu wese agomba kuba Umukristo.

## KUZIBUKIRA ICYAHA

Nimureke icyaha cy'ubwibone kizibukirwe. Nimureke gukabya kose mu myambarire gutsindwe kandi kandi habeho kwihana ku Mana icyaha cyo kuyiba umutungo wagombye kuba warashyizwe mu bubiko bwayo kugira ngo ushyigikire umurimo w'Imana aho ukorerwa. Nimureke umurimo wo kuvugurura, umurimo wo guhinduka nyakuri ugirwe nyambere kandi ukorerwe abantu. Nimureke ibikorwa byacu n'inyifato yacu bihuze n'umurimo ugomba gukorwa muri iki gihe bitume tubasha kubwira abantu tuti, "Nimunkurikire nk'uko nkurikira Kristo." Nimutyo tworoshye imitima yacu imbere y'Imana ku bwo kwicisha bugufi, kwiyiriza ubusa no gusenga, kwihana icyaha no kukizibukira.

Ubu ijwi ry'umurinzi nyakuri rikwiriye kumvikana muri aya magambo ngo, "Bugiye gucya bwongere bwire" (Yesaya 21:12). Impanda igomba kuvuga ijwi ryihariye kubera ko turi mu munsi ukomeye wo kwitegura Uwiteka… Muri iyi si yacu hariho inyigisho nyinshi. Hari amadini menshi y'inzaduka afite abayoboke ibihumbi n'ibihumbagiza, nyamara hariho rimwe gusa rifite ikimenyetso cy'Imana. Hari idini y'umuntu n'idini y'Imana.

Imitima yacu igomba kuba ishikamye ku Rutare rw'iteka. Ikintu cyose kiri mu isi yaremwe n'Imana, byaba abantu n'inyigisho ndetse n'isanzure ubwaryo, gisohoza ijambo ry'ubuhanuzi nyakuri ry'Imana kandi kigasohoza umurimo wayo ukomeye kandi uheruka wo muri aya mateka y'isi.

Tugomba kwitegura no gutegereza amabwiriza y'Imana. Amahanga azahuriza hamwe. Ubufasha buzamburwa abantu bamamaza urugero rukumbi rw'Imana rwerekeye ibyo gukiranuka, rukaba arirwo gipimo ntakuka cy'imico.

Kandi abantu bose batazumvira iteka ryaciwe n'inama z'igihugu ndetse ntibanumvire amategeko y'igihugu yo kwerereza isabato yashyizweho n'umunyabugome asuzuguye umunsi wera w'Imana, ntabwo bazagerwaho n'imbaraga irenganya y'ubupapa yonyine, ahubwo bazanagerwaho n'Ubuporotesitanti ari bwo gishushanyo cy'inyamaswa.

Satani azakora ibitangaza bye kugira ngo ayobye abantu; azakoranyiriza imbaraga ze hamwe ngo zirute izindi. Itorero rishobora kugaragara nk'iryenda kugwa, nyamara ntiryigera rigwa. Rigumaho igihe abanyabyaha bo muri Siyoni bagosorwa maze umurama ugakurwa mu ngano nziza. Iki ni ikintu gikomeye kandi kibabaje nyamara uko byagenda kose kigomba kubaho. Nta bantu bazabaranwa n'indahemuka n'abanyakuri, badafite ikizinga cy'icyaha cyangwa ngo bagire uburiganya mu kanwa kabo uretse abaneshesheje amaraso y'Umwana w'intama n'ijambo ryo guhamya kwabo. Tugomba kwamburwa gukiranuka kwacu twihangiye maze tukambikwa gukiranuka kwa Kristo.[3]

Neretswe ko ku ruhande rwabwo ubwoko bw'Imana niburamuka butagize umuhati, ahubwo bugategereza ko ihemburwa ribazaho kugira ngo rikureho ibibi byabo kandi rikosore amafuti yabo; nibaramuka bishingikirije kuri iryo hemburwa kugira ngo ribezeho imyanda y'umubiri n'umwuka ngo ribategurire kwinjira mu murimo w'ijwi rirenga rya marayika wa gatatu, bazasangwa badashyitse. Ihemburwa cyangwa imbaraga y'Imana iza gusa ku bayiteguye binyuze mu gukora umurimo Imana ibategeka gukora, ari wo wo kwiyezaho imyanda yose y'umubiri n'umwuka, biyejesha kubaha Imana.[4]

## KWAMBARA GUKIRANUKA KWA KRISTO

Abasigaye bejesha ubugingo bwabo kumvira ukuri bakura imbaraga mu bigeragezo, bagaragariza ubwiza bw'ubutungane mu buhakanyi bubazengurutse. Abo bose Uwiteka arababwira ati, "Naguciye mu biganza byanjye nk'uca imanzi" (Yesaya 49:16). Bari mu rwibutso rw'iteka ryose kandi rutangirika. Ubu dukeneye ukwizera kuzima. Dukeneye kugira ubuhamya buzima buzahuranya bukagera ku mutima w'umunyabyaha. Hari ukubwiriza kwinshi gukabije nyamara ukwita ku bantu kuriho ni guke cyane. Dukeneye gusigwa amavuta yera. Dukeneye umwuka n'imbaraga by'ukuri. Abenshi mu bagabura baremajwe uruhande rumwe n'inenge zabo bwite zo mu mico yabo. Bakeneye imbaraga ihindura y'Imana.

Icyo Imana yasabye Adamu mbere y'uko acumura kwari ukumvira amategeko yayo mu buryo butunganye. Icyo Imana isaba muri iki gihe ni icyo yasabye Adamu. Ni ukumvira gutunganye, gukiranuka kuboneye rwose kutarangwamo

**"Abasigaye bejesha ubugingo bwabo kumvira ukuri bakura imbaraga mu bigeragezo, bagaragariza ubwiza bw'ubutungane mu buhakanyi bubazengurutse. Abo bose Uwiteka arababwira ati, "Naguciye mu biganza byanjye nk'uca imanzi (Yesaya 49:16)."**

ikosa mu maso yayo. Imana idufashe kuyigaragariza ibyo amategeko yayo asaba byose. Ntabwo dushobora gukora ibi tudafite kwa kwizera kuduhesha gukiranuka kwa Kristo mu mikorere ya buri munsi.

Bavandimwe nkunda, Umwami araje. Nimuzamure intekerezo zanyu mwubure n'imitwe yanyu maze mwishime. Dutekereza ko abantu bumva amakuru anejeje, abantu bavuga ko bakunda Yesu bashobora kuzura ibyishimo bitavugwa kandi byuzuye ikuzo. Iyi ni inkuru nziza inejeje yagombye gususurutsa umuntu wese, kandi yagombye gusubirwamo mu ngo zacu ndetse ikabwirwa abo duhura na bo mu nzira. Nta yindi nkuru ishimishije ishobora kuvugwa! Kujya impaka no guhangana n'abizera cyangwa abatizera si umurimo Imana yaduhaye gukora.

Niba Kristo ari Umukiza wanjye, igitambo natangiwe n'inshungu yanjye, ntabwo nzarimbuka. Kubera kumwizera mfite ubugingo buhoraho. Iyaba abantu bose bizera ukuri bizeraga ko Yesu Kristo ari Umukiza wabo bwite.

Ntabwo nshatse kuvuga kwa kwizera kw'agaciro gake kudashyigikiwe n'imirimo. Ahubwo ndavuga kwa kwizera nyakuri, kuzima, kudahinduka kandi guhoraho; ukwizera kurya umubiri w'Umwana w'Imana kandi kukanywa amaraso ye. Ntabwo nshaka gusa kubabarirwa kwica amategeko yera y'Imana, ahubwo nshaka no kuzamurwa ngashyirwa imbere y'umucyo wo mu maso h'Imana. Ntabwo ari ukwemererwa kujya mu ijuru gusa ahubwo no kugira umuryango mugari ninjiriramo.

## AGAKIZA NI UKUNGA UBUMWE NA KRISTO

Mbese nk'abantu Imana yaronse, ishyanga ryera, ntabwo twitaye ku rukundo rutarondoreka Imana yatugaragarije? Ntabwo agakiza ari ukubatizwa, ntabwo ari ukugira amazina yacu yanditswe mu bitabo by'itorero, nta n'ubwo ari ukubwiriza ukuri. Ahubwo ni ubumwe buzima tugirana na Yesu Kristo, ni ukugirwa mushya mu mutima, gukora imirimo ya Kristo mu kwizera ndetse n'umurimo wuje urukundo ukoranywe kwihangana, kwiyoroshya n'ibyiringiro. Umuntu wese wunze ubumwe na Kristo azahinduka umuvugabutumwa muzima ku bamuzengurutse bose. Azita ku bari hafi n'abari kure. Ntabwo azagira imyumvire irema ibice, ntabwo azashishikarira guteza imbere ishami rimwe ry'umurimo ayoboye ngo maze umuhati we ube uhagarariye aho. Abantu bose bazakora bagamije gutuma amashami yose akomera. Ntabwo hazabaho kwikunda, nta no kwikubira. Umurimo ni umwe kandi ukuri ni ko pfundo ryako rikomeye.

Iyaba abantu bibazaga iki kibazo bafite imitima ibishishikariye bati, "Mbese igomwa n'ishyari byahawe icyicaro mu mutima wanjye?" Niba ari uko bimeze, ntabwo Kristo ari mu mutima. "Mbese nkunda amategeko y'Imana, mbese urukundo rwa Kristo ruri mu mutima wanjye?" Niba dukundana nk'uko Kristo yadukunze, icyo gihe tuba twitegura ijuru ryiza ry'amahoro n'uburuhukiro. Aho mu ijuru nta kurwanira kuba imbere y'abandi, no gushaka isumbwe. Abantu bose bazakunda bagenzi babo nk'uko bikunda.

Iyaba Imana yafunguraga intekerezo z'abantu kandi igakangura imitima y'amatorero yacu kubwo gukangura abizera bayagize.......

Abari i Siyoni bidamarariye bakeneye gukanguka. Abafite ukuri nyamara ntibumve ko bafite umutwaro wo kukugeza ku bandi bazabazwa byinshi.

Iyaba abagabo n'abagore bavuga ko bemera ukuri bahagurukaga, bakikorera umutwaro Kristo abaha. Hakenewe abantu batanejejwe no kuba ibyitiriro ahubwo basa na Kristo, batikanyiza; abantu bafite umuhati mwinshi utazadohoka mu ngorane cyangwa ngo ucogore bitewe n'uko ikibi kiganje.....

Duhagaze ku rugabano rw'isi ihoraho. Ntabwo Abakristo bakunda kudamarara bazaba bakenewe muri uyu murimo. Iyobokamana rishingiye ku marangamutima no kureshya abantu ntirikenewe muri iki gihe. Hari imbaraga zigomba kuza mu kwizera kwacu ndetse no mu kwamamaza ukuri. Ndababwira ko hari imibereho mishya ituruka ku bakozi ba satani kugira ngo ikorane imbaraga tutigeze dutekereza. Mbese ntabwo imbaraga nshya ivuye mu ijuru izuzura ubwoko bw'Imana? Ukuri kweza mu mbaraga zako kugomba kubwirwa abantu. Hagomba kubaho gusenga Imana kuvuye ku mutima, ndetse n'isengesho ryuzuye umubabaro kugira ngo ibyiringiro byacu nk'ishyanga bye kuba bishingiye ku bihimbano, ahubwo bibe bishingiye ku kuri kw'iteka ryose. Kubw'ubuhamya bw'Ijambo ry'Imana, tugomba kwimenyera niba turi mu kwizera, niba twerekeje mu ijuru cyangwa atari ko bimeze. Urugero mbonera rw'imico ni amategeko y'Imana. Mbese duhuza n'ibyo asaba? Mbese ubwoko bw'Imana buzana umutungo wabwo, igihe cyabwo n'impano zabwo ndetse n'imbaraga zabwo mu murimo ugomba gukorwa muri iki gihe? Nimutyo dukanguke. "Nuko rero niba mwarazuranywe na Kristo, mujye mushaka ibiri hejuru aho Kristo ari, yicaye iburyo bw'Imana" (Abakolosayi 3:1).[5] ℛ

**Aho Biboneka:**

[1]*Inyandiko z'Ibanze*, p.111,112.
[2]*Ibid.*, pp. 113, 114.
[3]*Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 2, pp. 377–380.
[4]*Ibihamya by'Itorero*, vol. 1, p. 619.
[5]*Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 2, pp. 380–382.

Ku isabato, 07 Ukuboza 2024

# "NUKO GIRA UMWETE WIHANE"

BYATEGUWE NA DANIEL LEE – WO MURI LETA ZUNZE UBUMWE ZA AMERIKA

## IMITERERE Y'UKWIHANA NYAKURI

Ikibazo cya mbere kigomba gukemurwa ni iki: mbese ukwihana nyakuri ni iki? Icya kabiri, mbese ni iki gishobora gutuma abantu bakurikiza amategeko y'Imana, hakubiyemo n'iry'isabato, kandi bakaba babayeho imibereho izira amakemwa ku byerekeranye n'imyitwarire mbonera, [ese] birashoboka ko bihana?

Kwizera Imana n'imbuto zako zo kwihana ibyaha, ni igisubizo gisanzwe kandi cyikora cyo gusabana n'Imana. Guhishurwa kw'ineza no gukiranuka by'Imana, biboneka gusa binyuze mu mubano udakebakeba tugirana n'Imana, nibyo bituma abantu bihana (Abaroma 2:4). Hatabayeho uko gusabana [n'Imana], nta kwihana nyakuri gushobora kubaho. Uko umutima w'umuntu urushaho gushyikirana n'Imana, uko urushaho kuyimenya, niko umuntu arushaho kwemezwa iby'icyaha, bityo ukwihana kwe kukarushaho kwimbika cyane kandi kukaba gukomeye.

"Uko turushaho kwegera Kristo kandi tukarushaho gusobanukirwa neza n'ubutungane bw'imico Ye, ni ko tuzarushaho kubona ubunyacyaha bwacu bukabije kandi tuzacogora gushaka kwishyira hejuru. Umuntu azahora ashaka kwegera Imana, habeho kwicuza ibyaha guhoraho, nyakuri kandi kuvuye ku mutima umenetse, ndetse habeho no kwicisha bugufi k'umutima imbere y'Imana. Uko tuzatera intambwe yose mu mibereho yacu ya Gikristo, kwihana kwacu kuzashora imizi."[1]

Bivugwa kuri Henoki, ngo "Uko yarushagaho komatana n'Imana, niko yarushagaho kubona intege nke ze no kumva ari mubi bikabije."[2]

Kwihana ntibishobora gukorwa mu buryo bw'amayeri. Ntabwo gukorwa mu buryo bw'imbaraga nk'iz'imashini, ntigushobora kuvuka nkuko bigenda ku bindi byiyumvo by'abantu. Ni Umwuka Wera gusa ukabakaba umutima w'umuntu, akawuhindura kandi akawutegeka; binyuze mu mbaraga Ye ikomeye yemeza [umuntu]. Ubwo nibwo kwihana nyakuri kubaho. Kugira agahinda kubera icyaha no kwihana, ni igisubizo gisanzwe kandi cyikora gituruka ku murimo w'Umwuka wo

guhora ashyira mu bwenge ubwiza bw'imico y'Imana muri Kristo Yesu. Igihe umwizera ahanze amaso Yesu buri gihe kandi akamwugururira umutima nk'incuti mu mushyikirano wera, kwihangira gukiranuka no kwibona ko ari umuntu mwiza bivanwaho; maze ubwambure bw'umutima bukagaragara. Hanyuma y'ibyo, umutima we urashenjagurika, ukicisha bugufi, kandi ukihana.

"Umurasire umwe w'ubwiza bw'Imana, umurasire umwe w'ubutungane bwa Kristo, winjira mu mutima, ukagaragaza mu buryo bubabaje buri hantu hose handuye, kandi ugashyira ahagaragara ubusembwa n'inenge by'imico y'abantu. Ugaragaza ibyifuzo bidakwiriye, ubuhemu bwo mu mutima, ndetse n'iminwa yanduye. Ibikorwa by'umunyabyaha by'ubuhemu mu gutuma amategeko y'Imana ahindurwa ubusa, bigaragarira amaso ye, umutima we ufatwa mpiri kandi ugaterwa agahinda n'imbaraga z'Umwuka w'Imana. Iyo abonye imico ya Kristo itanduye kandi itarangwaho ikizinga, yumva yiyanze."[3]

## KWIHANA KWA YESAYA – ICYITEGEREREZO CY'ITORERO RY'IMANA RYO MU GIHE CY'IMPERUKA

Igihe umuhanuzi Yesaya yabonaga ubwiza bw'Imana mu rusengero, yarumiwe kandi atangazwa cyane n'intege nke ze n'imico ye idatunganye. Umuhanuzi yaranguruye ijwi ry'ubwihebe ati: "Ni ishyano, ndapfuye we! Kuko ndi umunyaminwa yanduye, kandi ntuye hagati y'ubwoko bufite iminwa yanduye, kandi amaso yanjye abonye Umwami Uwiteka Nyiringabo." Yesaya 6:5. Mbere yuko agira iyi mibereho yahindutse ubwo yahuraga n'Imana mu buturo bwera, yari yarasunikiwe gucyaha abandi kubera ibyaha byabo. Yakoresheje amagambo akomeye akurikira, yerekeza ku byaha by'abandi agira ati: "Ariko umunyabyaha abonye ishyano! Azagubwa nabi kuko azahabwa ibihembo by'ibyo yakoze." Yesaya 3:11. "Bazabona ishyano abita ikibi icyiza n'icyiza bakacyita ikibi. Umwijima bawushyira mu cyimbo cy'umucyo, n'umucyo bakawushyira mu cyimbo cy'umwijima, ibisharira babishyira mu cyimbo cy'ibiryohereye, n'ibiryohereye bakabishyira mu cyimbo cy'ibisharira. Bazabona ishyano abiyita abanyabwenge bajijutse. Bazabona ishyano abigira intwari zo kunywa inzoga, bakagira imbaraga zo guturira ibisindisha." Yesaya 5:20-22.

Mu gihe umuhanuzi yari ashishikajwe no kwamagana ibicumuro byiganje byari bimukikije mu ishyaka yari afitiye Imana, ntibyari ngombwa ko muri icyo gihe cy'urugendo rwe rw'iby'umwuka, yemezwa iby'ubunyacyaha bwe. Igihe uwo muhanuzi yahuraga n'Imana mu rusengero, nibwo gusa yasobanukiwe ko imibereho ye yari yuzuyemo ibyaha yari itandukanye cyane n'ubwiza bw'Imana, bwari bwarashyizwe mu bwenge bwe no mu mutima we mu buryo bugaragara. Ibyo byatumye iryo jambo "mugushije ishyano" rihinduka "ngushije ishyano"....

Yesaya yari yaramaganye ibyaha by'abandi; ariko noneho yabonaga ko na we yari agiye gucirwaho iteka nk'iryo yari yarabaciriye. Yari yaranyuzwe no gusenga Imana kwe by'umuhango birangwamo ubutita bitanagira ubuzima. Ibyo ntiyari abizi kugeza igihe yahabwaga iyerekwa ry'Uwiteka. Mbega ukuntu ubwenge n'ubuhanga bwe byasaga n'aho ari bito cyane igihe yitegerezaga ukwera n'ubwiza bw'urusengero! Mbega ukuntu atari akwiriye! Mbega ukuntu atari akwiriye umurimo wera! Uko yibonaga bishobora kuvugwa mu magambo ya Pawulo agira ati: "Yemwe, mbonye ishyano! Ni nde wankiza uyu mubiri untera urupfu?"[4]

Itorero ry'Imana ryasigaye muri iki gihe, nubwo ariryo Imana yitaho mu buryo bw'ikirenga, ni impumyi mu byerekeranye n'imimerere yaryo nyakuri mu by'umwuka, nk'uko umuhanuzi Yesaya yari ameze mbere yuko ahura n'Imana mu rusengero. Ikibabaje ni uko kuba ryarahawe icyubahiro cyo kuba ububiko bw'ukuri kwera no kugira inyifato itagira amakemwa, byatumye rigira imitekerereze idakwiriye yo kwibwira ko riri mu mwanya mwiza kuruta uko rimeze ubu. Uko itorero ribona imimerere yaryo mu by'umwuka; bitandukanye cyane n'uko Umuhamya Ukiranuka kandi w'Ukuri abibona, aravuga ati: "Utazi ko uri umutindi wo kubabarirwa, kandi uri umukene n'impumyi ndetse wambaye ubusa" (Ibyahishuwe 3:17). Mu by'ukuri, nubwo [itorero] ritazi imimerere yaryo nyakuri, riravuga riti: "Ndatunze ndatunganiwe, ntacyo nkennye." (Ibyahishuwe 3:17). Mu gihe cyose ubwoko bw'Imana bukirangwa n'iyo myifatire yo kwiyemera insinzi, inyifato yo kwishimira ibyo bagezeho, no kuyobywa n'ukuntu bitwa ko ari beza, Umwuka Wera ntashobora kubemeza icyaha. Nta kwihana no kwatura ibyaha by'ukuri bibabaza umutima bishobora kubaho. kandi nta n'ubusabane nyakuri umuntu ashobora kugirana n'Imana, keretse iyo mitekerereze mibi iretswe burundu, kandi ikazibukirwa.

Abanditsi n'Abafarisayo bo mu gihe cya Yesu, birataga ubwabo ugukiranuka kwabo bihangiye. Ubutumwa bwa Yohana Umubatiza bugira buti: "Mwihane kuko ubwami bwo mu ijuru buri hafi" Matayo 3:2, ntacyo bwababafashijeho. Kuri bo kubahamagarira kwihana byari ibintu biteye ishozi. Kubera ko bari barahumywe amaso bitewe n'ibyiyumvo by'uko baruta abandi mu buryo bw'umwuka bitewe n'uko bari bafitanye isano na Aburahamu, hamwe n'amavugurura menshi bari barashyizeho ashingiye ku mirimo, n'imigenzo yabo itavuguruzwa, bumvaga ko batari bakeneye Umukiza, ko batari bakeneye kwicisha bugufi no kwatura ibyaha byabo, kandi nta gushidikanya ko batari bakeneye kwihana. Yesu yasobanuye ko abo bigisha b'iby'idini bo mu gihe cye bari barishutse, "…. Mumeze



nk'ibituro byasizwe ingwa, bigaragara inyuma ari byiza, nyamara imbere byuzuye amagufwa y'abapfuye n'ibihumanya byose." Matayo 23:27. Abo bantu bari barashyize urujijo hagati yo gukurikiza amategeko n'amabwiriza mu buryo bugaragara no gukiranuka guturuka mu mutima mu buryo busanzwe. Ntacyo bari bazi ku byerekeranye n'ubugwaneza no kwicisha bugufi byo mu mutima biboneka gusa mu ishuri rya Kristo, byigishwa gusa binyuze mu gushyikirana na We buri gihe.

Ihamagara riboneka mu butumwa bwahawe itorero ry'i Lawodikiya "Nuko rero gira umwete wihane" (Ibyahishuwe 3:19), nubwo ritazwi n'abantu benshi, ni icyemezo buri wese mu bizera bagize itorero muri iki gihe agomba gufatana uburemere cyane. Tubayeho mu gihe cya Lawodikiya. Kubw'ibyo rero, iryo rarika ryo kwihana ni inshingano dufite muri iki gihe. Kunanirwa kumvira iryo rarika bizatuma habaho kurukwa tukava mu kanwa ka Kristo, ibyo bikaba ari igikorwa cyo gucibwa rwose. Kwicisha bugufi, kwiyanga no no kwiyegurira Imana nk'ibyaranze umuhanuzi Yesaya ari mu rusengero igihe yitegerezaga ubwiza bw'Imana, bizagaragarira mu mibereho y'abantu bumvira irarika ryo kwihana. Nta muntu n'umwe, keretse abo, binyuze mu kwizera, bahurira n'Imana mu buturo bwera nkuko Yesaya yabigenje, bazagira amahirwe yo kugira icyo bamenya ku bugiraneza bw'Imana buzabayobora ku kwihana (Abaroma 2:4).

"Iyerekwa ryahawe Yesaya rigaragaza imimerere y'ubwoko bw'Imana buriho mu minsi y'imperuka. Bafite amahirwe yo kubona umurimo uri gukorerwa mu buturo bwera bwo mu ijuru kubwo kwizera. 'Urusengero rw'Imana rwo mu ijuru rurakingurwa, mu rusengero rwayo habonekamo isanduku y'isezerano ryayo.' Uko bitegereza ahera cyane kubwo kwizera, maze bakabona umurimo Kristo akorera mu buturo bwera bwo mu ijuru, babona ko ari abantu b'abanyaminwa yanduye – abantu bafite iminwa ihora ivuga ibidafite umumaro, kandi impano zabo ntabwo zejejwe ngo zikoreshwe mu guhesha Imana icyubahiro. Nta kabuza baratentebuka bakiheba ubwo intege nke zabo n'uko badakwiriye babigereranya n'imico ya Kristo itunganye kandi yuje urukundo. Ariko niba bo, kimwe nka Yesaya, bazakira igitekerezo cy'uko imigambi y'Uwiteka igomba gushyirwa mu mutima, nibacisha bugufi imitima yabo imbere y'Imana, hari ibyiringiro kuri bo. Umukororombya w'isezerano uri hejuru y'intebe ya cyami, kandi umurimo wakorewe Yesaya uzabakorerwamo. Imana izasubiza amasengesho aturutse ku mutima umenetse [wihana]."[5]

## UMUNSI W'IMPONGANO WASHUSHANYAGA KWIHANA

Iyerekwa rya Yesaya akabona Imana mu rusengero, ni ishusho y'imibereho y'ubwoko bw'Imana mu minsi y'imperuka. Bazagira amahirwe yo gukurikira Yesu ahera cyane kubwo kwizera. Uko basabana na We kandi bagatekereza ku murimo We uheruka ari gukorera mu buturo bwera, bazayoborwa kugirango batekereze ku kintu runaka ku byerekeranye n'urukundo Rwe mu guhanaguraho ibyaha byabo iteka ryose mu bwenge bwabo no mu bitabo [byo mu ijuru] byandikwamo; bazasobanukirwa neza kurutaho ikigero cy'imitima yabo yanduye, n'ukuntu imico yabo yangiritse cyane ikaba ihabanye n'imico ya Kristo itunganye. Ibyo bizatuma bihana mu buryo bwimbitse. Bazarira, bababare kandi baririre hagati y'icyumba n'igicaniro. Bazababaza ubugingo bwabo maze basabe cyane kugirango imitima yabo itungane.

"[Abantu] bose bakeneye kurushaho gusobanukirwa ibyerekeranye n'umurimo wo guhongerera ibyaha; uri gukorerwa mu buturo bwera bwo mu ijuru. Igihe uko kuri gukomeye kuzaba kwabonetse kandi kugasobanuka, abagundira uko kuri bazakorana na Kristo kugirango bategurire abantu kuzahagarara ku munsi ukomeye w'Imana, kandi imihati yabo izagera ku nsinzi. Binyuze mu kwiga, gutekereza [ku by'Imana] no gusenga; ubwoko bw'Imana buzazamurwa burenge ibitekerezo n'ibyiyumvo bisanzwe by'isi, kandi buzazanwa mu gushyira hamwe na Kristo n'umurimo We ukomeye wo kweza ubuturo bwera bwo mu ijuru akabwezaho ibyaha by'abantu. Ukwizera kwabo kuzajyana na We mu buturo bwera, kandi abasenga bo mu isi bazaba barimo basuzumana ubwitonzi imibereho yabo kandi bagereranya imico yabo n'urugero rukomeye rwo gukiranuka. Bazibonera inenge zabo bwite."[6]

## IMPAGARIKE YUZUYE Y'UBUNYACYAHA BW'UMUNTU IGOMBA GUSHYIRWA AHAGARAGARA KANDI AKIHANA

Mu by'ukuri, umunyabyaha wihannye ntaba azi urugero rw'ubunyacyaha bw'ubugingo bwe. Ntashobora kwiyumvisha mu bwenge bwe uburemere bw'ibicumuro bye n'ibyaha bye. Kubw'ibyo, uko umunsi waba uri kose, ntiyigera yihana mu buryo bwimbitse. Ntabwo aba azi icyo yihanira! Ntiyiyumvisha ko afite umwênda amategeko y'Imana uruta cyane ibyo yihana kandi akatura buri munsi. Ibitabo byandikwamo byo mu buturo bwera bikubiyemo ibyaha byinshi cyane birenze ibyo abantu bihana kandi bakatura buri munsi.

"Icyo umuntu akoze cyose kinyura imbere y'Imana kikandikwa ko ari igikorwa cyo gukiranuka cyangwa se ko ari icyo gukiranirwa. Mu buhanga butangaje kandi butagereranywa, imbere y'izina ryose mu bitabo byo mu ijuru, handikwa ijambo ryose ry'ibinyoma, umurimo wose wo kwikanyiza, inshingano yose ituzujwe n'icyaha cyose gikorerwa mu rwihisho. Imiburo yoherezwa n'ijuru cyangwa gucyaha kwirengagijwe, igihe cyapfushijwe ubusa, igihe cyakoreshejwe nabi, imbaraga zakoreshejwe mu kwimakaza ibyiza cyangwa ibibi ndetse n'ingaruka zabyo zikomeye, byose byandikwa n'umumarayika."[7]

Ndetse n'ibyaha bitarashyirwa mu bikorwa byandikwa mu bitabo byo mu ijuru, kugirango bibere abantu umuhamya mu gihe cy'urubanza.

"Amategeko y'Imana agera ku byiyumvo no ku mpamvu zitera umuntu kugira icyo akora, ndetse no ku bikorwa bigaragarira amaso. Niyo ahishura amabanga yo mu mutima, agatanga umucyo ku bintu byahoze bihishwe mu mwijima. Imana izi buri gitekerezo, buri mugambi, icyo duteganya, n'impamvu yose itera umuntu kugira icyo akora. Ibitabo byo mu ijuru byanditswemo ibyaha abantu baba barakoze iyo baza kuba barabonye uburyo bwo kubikora. Kuko Imana izazana umurimo wose mu rubanza, na buri kintu cyose gihishwe."[8]

Mu buryo bwumvikana, uko umuntu arushaho kugaragaza ko ari umunyabyaha kandi akabimenyekanisha, niko umurimo wo kwihana uzarushaho kwimbika. Ikibabaje ni uko, iyo umuntu asobanukiwe imibereho ye y'ubunyacyaha bishobora guhindurwa mu buryo bukabije ndetse bigasobanurwa nabi, bitewe n'amavugurura yubaka yatangijwe mu buzima igihe umuntu yahindukaga. Gushyiraho impinduka nziza mu mirire, mu myambarire, mu myifatire no mu myitwarire, akenshi bituma abantu benshi batekereza (mu buryo bw'ikinyoma) ko barushijeho kuba abakiranutsi, bityo rero

bakaba ari abanyabyaha buhoro. Ibi ni ukwibeshya mu buryo bukomeye, niyo ngingo nyamukuru y'ubwirasi bwa Lawodikiya igira iti: "Ndatunze ndatunganiwe ntacyo nkennye." Birumvikana ko kugwa muri uwo mutego byoroshye cyane kuruta uko abantu benshi babitekereza. Mu by'ukuri, iyo niyo mimerere y'abantu benshi bari mu itorero; nubwo bashobora kuba batabizi cyangwa ngo babyemere. Ibyo bisobanura impamvu Yesu yabwiye Lawodikiya ati: "Utazi ko…." Buri kintu cyose cyaravuzwe, iyi myifatire irababaje kandi ifite ingaruka ikomeye cyane ku rugero rwatuma umuntu yiyumvamo ukwihana.

## UMURIMO WO KWIHANA MU BURYO BWIMBITSE UGOMBA KUBANZIRIZA IMPONGANO IHERUKA NO KWEZWA

Mu minsi y'imperuka, Imana izagira abantu bazagirana umushyikirano wa bugufi n'Umwana Wayo mu byerekeranye n'umurimo We uheruka ari gukorera ahera cyane. Abo ngabo bazerekezwa ku gusobanukirwa byuzuye ubunyacyaha bw'imibereho yabo, ndetse kugeza ubwo baziheba. [Ibyaha byabo] bazabisobanukirwa neza uburyo bitandukanye n'urukundo rutagira akagero rwa Kristo. Bityo nibwo bazayoborwa n'Umwuka Wera kugirango bareke imitekerereze ya Lawodikiya yiganje cyane mu matorero muri iyi minsi maze bagire ihinduka ryo mu by'umwuka rirangwa no kwisuzuma ndetse no kwihana mu buryo bwimbitse. Iyo mibereho tuzagira; izaba imeze nk'iyo Yesaya yanyuzemo, uretse ko yo izaba ikomeye cyane kandi imare igihe kurushaho. Iyi mibereho, yiswe "kwibabaza imitima" (Abalewi 16:29; 23:27 – 32), niyo itegurira itorero ryasigaye impongano iheruka no kwezwa guheruka.

"Nk'uko Yosuwa yasabiraga imbere ya Marayika, ni ko abagize itorero ryasigaye bazasabira kubabarirwa no gucungurirwa muri Yesu, Umuvugizi wabo bafite umutima umenetse no kwizera kudacogora. Basobanukiwe neza uburyo imibereho yabo irangwa n'icyaha, babona intege nke zabo ndetse n'uko badakwiriye; ndetse biteguye kwiheba."[9]

Muri iki gihe, turahamagarirwa umurimo wo kwisuzuma kwimbitse no kwihana (Yoweli 2:13). Imihango irangwamo ubutita, itarimo umwuka iri mu itorero izatuma bitarishobokera ko ibi biribaho. Na none kandi kubwiriza by'umuhango bitarangwamo ubugingo, ibibwirizwa byo mu magambo cyangwa se amasengesho yo mu rusengero no mu rugo atagize icyo avuze, ntibihesha iyi mibereho [yo kwisuzuma kwimbitse no kwihana]. Idini rigaragarira mu bikorwa gusa, rigaragazwa no gushaka Imana ubudacogora buri munsi, gusabana na Yo buri saha, no guhinduka tugasa na Yo, niryo rizagira icyo rigeraho.

Kubera ko ubu turi mu gihe cy'umunsi w'impongano mu buryo bw'ikigereranyo, mu itorero imirimo ntigikorwa nkuko bisanzwe. Kwibabaza imitima ni amabwiriza Kristo aha itorero ryasigaye. Yesu ari hafi guhongerera impongano Ye iheruka, agiye gutanga itegeko rigira riti: "Nimumwambure iyo myenda y'ibizinga…. kandi ndakwambika imyambaro myiza cyane." (Zekariya 3:1 – 5). Vuba aha, mu buryo buhuje n'umurimo uheruka mu buturo bwera bwo mu ijuru nk'umutambyi mukuru, Yesu azeza abantu Be abezeho gukiranirwa kose n'icyaha cyose binyuze mu kubaha gukiranuka Kwe gutunganye. Abantu barizwa no gucogora kwabo mu by'umwuka kandi bagaterwa agahinda n'ubukene bafite bw'umutima, bazahabwa uko gukiranuka, mu gihe ba bandi batagira icyo bitaho kandi bakaba ari indangare bazakurwa mu bwoko Bwe.

> **Iyerekwa ryahawe Yesaya rigaragaza imimerere y'ubwoko bw'Imana buriho mu minsi y'imperuka. Bafite amahirwe yo kubona umurimo uri gukorerwa mu buturo bwera bwo mu ijuru kubwo kwizera.**

Mbese uzaba umwe muri abo bantu bahawe umugisha bazabona ibyiza by'impongano iheruka, ndetse bakaba bamwe mu bagize 144,000? Mbese izina ryawe rizaguma mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama? Mbese uzezwaho rwose kandi mu buryo burambye ugukiranirwa kose maze ube ukwiriye kuba mu muryango w'abamarayika batagira icyaha? Twese Uwiteka atubare nk'ababikwiriye. Nuko rero ugire umwete kandi wihane.

"Igihe ubwoko bw'Imana bubabariza imitima yabwo imbere ya Yo, busaba kubonezwa umutima, hatangwa itegeko rigira riti: "Nimubambure iyo myenda y'ibizinga," kandi hakavugwa amagambo akomeza agira ati: "Ngukuyeho gukiranirwa kwawe, kandi ndakwambika imyambaro myiza cyane." Zekariya 3:4. Ikanzu izira ikizinga yo gukiranuka kwa Kristo yambikwa abana b'Imana bageragejwe kandi b'indahemuka. Abasigaye b'insuzugurwa bambikwa imyambaro myiza cyane itazongera kwanduzwa no kwangirika ko mu isi. Amazina yabo akomerezwa mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'intama, akandikwa mu mazina y'abakiranutsi bo mu bihe byose. Batsinze amayere y'umushukanyi; ntibigeze bateshurwa ku kuba indahemuka kwabo no gutontoma kw'ikiyoka. Noneho barinzwe amayere y'umushukanyi by'iteka ryose. Ibyaha byabo bishyirwa kuri nyirabayazana w'icyaha. Bambikwa igitambaro cyiza ku mitwe yabo."[10] ℛ

### Aho Biboneka:


[1] *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.561

[2] *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.85

[3] Kugana Yesu, p.29

[4] Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi, vol 4, p.1139

[5] Ibid

[6] Ibihamya by'Itorero, vol 5, p.575

[7] Intambara Ikomeye, p.482

[8] Ibimenyetso by'Ibihe, kuwa 31 Nyakanga 1901

[9] Abahanuzi n'Abami, p.588

[10] Ibid, p.591



Kuwa Mbere, 08 Ukuboza 2024

# GUHINDUKA

Byateguwe na ELIAS Rivera – wo muri Leta zunze Ubumwe za Amerika

## IHINDURAMITERERE

Ibyaremwe bifite ingero z'agahebuzo zitwigisha ibyerekeranye n'imbaraga ikomeye y'Imana, hamwe n'umurimo Wayo wo gucungura mu mitima yacu. Uruziga rw'imibereho y'ikinyugunyugu rugizwe n'ibyiciro bine: kirabanza kikaba igi, noneho kigahinduka igishorobwa, maze kikaba ikinyabwoya [cyangwa ikintu kimeze nk'ikimata], hanyuma kikaba ikinyugunyugu gikuze. Urwo ruhererekane ruba mu gihe gito kingana n'ukwezi. Ibinyugunyugu bitera amagi yabyo munsi y'ibibabi by'ibimera, [ibyo bibabi] bikaba aribyo ibishorobwa byabyo bizarya. Iyo igi riturazwe, mu gikonoshwa cyaryo haturukamo akanyabwoya gato. Ku rundi ruhande, ibinyabwoya biba bifite imbaraga, birya byinshi; ndetse bigakura vuba. Iyo rero ikinyabwoya kimaze gukura, gihindura isura kikagira uruhu rukomeye, aricyo na none cyitwa ikimata. Ubwo muri icyo kimata imbere, ikinyabwoya gikomeza ihindagurika rizwi nka 'ihinduramiterere', noneho nyuma y'iminsi mike, cya kimata kikavamo ikinyugunyugu cyiza cyane.

**Ikinyabwoya kirahinduka rwose.** Gihinduka ikiremwa gitandukanye n'uko cyari gisanzwe, kiba cyabaye gishya kandi gifite imiterere itandukanye n'iya mbere. Kandi ibyo nibyo Imana ishaka ku mibereho yacu y'iby'umwuka muri Kristo: "Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya." 2Abakorinto 5:17. Umugambi w'Imana ni uguhindura imibereho yacu, kugarura ishusho Yayo muri twe, no guhindura imitima yacu. Iravuga iti: "Nzabaha n'umutima mushya, mbashyiremo umwuka mushya, nzabakuramo umutima ukomeye nk'ibuye, mbashyiremo umutima woroshye. Kandi nzabashyiramo umwuka wanjye, ntume mugendera mu mateka yanjye, mugakomeza n'amategeko yanjye mukayasohoza." Ezekiyeli 36:26,27.

Ijambo "guhinduka" risobanura guhindura, gushyiraho itandukaniro, guhindura rwose ikintu runaka kikavamo kitari nk'uko cyari kimeze. Urugero rw'ibyo, ruboneka muri Yohana 16:20: "Umubabaro wanyu uzahinduka umunezero" cyangwa mu Byahishuwe 11:6 "…. Bafite ubushobozi bwo guhindura amazi amaraso."

Bityo rero iyo tuvuze guhinduka, tuba tuvuga ku murimo w'Imana uhindura umuntu kandi ugakorerwa mu muntu, umurimo utuma umuntu ababarirwa kandi agahindurwa, umurimo uhanitse utuma umwizera atsindishirizwa ndetse akanezwa. Ni umurimo aho umuntu wa kera abambwa, agahambwa, kandi niho umuntu mushya avukira mu bugingo bushya.

## UBURYO IHINDUKA RIKORA

Guhinduka ni igikorwa cy'Imana mu muntu kubw'imbaraga z'urukundo Rwayo n'Umwuka Wayo Wera. Hariho uguhinduka kwimbitse nk'ukwabaye kuri Sawuli, ihinduka ryagaragaye cyane igihe umuntu w'i Taruso; we ubwe yahuraga na Kristo ari mu nzira ijya i Damasiko. Imibereho ya Sawuli yakozweho cyane no guhishurirwa ubwiza bwa Kristo. Ibyo yabonye byahise bihindura imibereho ye ku buryo, amaze guhuma no kugwa hasi, yavuze ati: "Mwami, urashaka ko nkora iki?" (Ibyakozwe n'Intumwa

9:6). Uwari werekeje i Damasiko afite imigambi mibisha yo kurwanya itorero rya Kristo, yongeye kureba nyuma y'iminsi itatu yamaze yiyiriza ubusa kandi asenga, hanyuma bigakurikirwa n'umubatizo. Hanyuma yatangiye kubaka itorero yatotezaga abigiranye ishyaka mu minsi yari yabanje. Icyo gihe noneho Sawuli yari ashishikajwe no kubwiriza ibya Kristo, wari umaze kuba ishingiro ry'ubugingo bwe ndetse n'izingiro ry'ubutumwa bwe. "Aherako abwiriza mu masinagogi yuko Yesu ari Umwana w'Imana." Ibyakozwe n'Intumwa 9:20.

Guhinduka kwa Sawuli, na none witwaga Pawulo (byagereranyaga "igito"), wari umurimo w'ubuntu bw'Imana n'urukundo rwa Yesu Kristo ruhindura [umuntu]. Ibyo byatumye uwatotezaga abandi w'umunyabukana na we ubwe atotezwa kubwa Yesu, kandi yamamaza ubutumwa Bwe adafite ubwoba, ahangana n'ibirushya by'uburyo bwose, ndetse n'urupfu ubwarwo. Hariho andi moko yo guhinduka ameze atyo, nkuko byagenze kuri Nikodemo. Hashize imyaka itatu nyuma y'ikiganiro yagiranye na Yesu (reba Yohana igice cya 3) kugirango Nikodemo agere ku rwego rwo gutangaza mu ruhame ko yizera Yesu no kwiyegurira burundu Umukiza wabambwe.

## BYOSE TUBYISHYURA IMANA

"Umuyaga wumvikana mu mashami y'ibiti, ukanyeganyeza amababi n'uburabyo; nyamara ntugaragara, kandi nta muntu ubasha kumenya aho uturuka cyangwa aho ujya. Ni nako umurimo w'Umwuka Wera umera mu mutima w'umuntu. Ntubasha kuwusobanura nkuko utabasha gusobanura imigendere y'umuyaga. **Umuntu abasha kudasobanura neza igihe n'aho byabereye, cyangwa ngo arondore uko byagenze mu guhinduka kwe; ariko ibi ntibivuze ko atahindutse**. Mu buryo butagaragara nk'ubw'umuyaga, Kristo akabakaba umutima ubutitsa. **Buhoro buhoro, ndetse ahari mu buryo butanasobanukiye ubyakira, hari ibikorwa bibaho biba bigamije kugarura umuntu kuri Kristo**. Ibi bibasha kuza ari uko umutekerezaho, binyuze mu gusoma Ibyanditswe Byera, cyangwa binyuze mu kumva amagambo y'umubwiriza ahesha agakiza. **Mu kanya nk'ako guhumbya, uko Umwuka aza akarushaho kumurika mu buryo butaziguye, niko umutima unezezwa no kwiyegurira Yesu**. Kuri benshi ibi byitwa guhinduka gutunguranye; ariko ibyo ni ingaruka yo kwingingwa igihe kirekire n'Umwuka w'Imana, akwihanganira, mu buryo burambye ndetse burenze ubwo umuntu atekereza."[1]

## NTUKINANGIRE

"None se, ni gute twakizwa? ..... **Umucyo umurika uva ku musaraba ugaragaza urukundo rw'Imana. Urukundo rwayo nirwo ruyitwegereza**. Ni tutinangira ngo twange uko guhamagarwa, tuzayoborwa munsi y'umusaraba twicuze ibyaha byatumye Umukiza abambwa. **Maze kubwo kwizera, Umwuka w'Imana areme imibereho mishya muri twe. Ibitekerezo n'ibyifuzo byaherako byumvire ubushake bwa Kristo. Umutima n'ibitekerezo, biremwe bushya mw'ishusho y'Ukorera muri twe ngo yigarurire byose**. Nuko rero amategeko y'Imana azandikwa mu bitekerezo no mu mutima, maze tuvuge nka Kristo tuti, "Mana yanjye nishimira gukora ibyo ukunda." Zaburi 40:8."[2]

## GUHINDURWA N'UMWUKA WERA

"Nubwo umuyaga utagaragara, ariko ubyara ibikorwa bigaragara kandi byumvikana. Ni ko umurimo w'Umwuka mu muntu uzigaragaza mu bikorwa byose by'uwamaze kwiyumvamo imbaraga y'Umwuka ikiza. **Iyo Umwuka w'Imana ahawe umwanya mu mutima, ahindura imibereho y'umuntu. Intekerezo z'icyaha zikurwamo, ibikorwa bibi bikarekwa; urukundo, kwicisha bugufi n'amahoro bisimbura uburakari, ishyari n'amahane**. Ibyishimo bisimbura agahinda, maze mu maso hawe hakagaragaza umucyo mvajuru. Nta numwe ubona ukuboko gukuraho umutwaro, cyangwa ngo abone umucyo umanuka uva mu bikari byo mw'ijuru. Imigisha igera ku muntu wiyeguriye Imana kubwo kwizera. Maze iyo mbaraga itabonekera amaso y'umuntu ikarema umuntu mushya mw'ishusho y'Imana."[3]

## UKWIHANA NYAKURI

"Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe ngo iminsi yo guhemburwa ibone uko iza ituruka ku Mwami Imana." (Ibyakozwe n'Intumwa 3:19).

"**Hatabayeho kwihana nyakuri, ntihashobora kubaho guhinduka nyakuri**. Benshi bayoberezwa hano, kandi igihe cyose mu mibereho yabo bahora bayobywa. Iyi niyo mpamvu abantu benshi bifatanyije n'itorero; batigeze bifatanya na Kristo."[4]

"Nimugaruke muve mu bibi byanyu byose, ibibi bitabatera kurimburwa." Ezekiyeli 18:30.

"Kwihana rero, ni uguterwa agahinda n'icyaha maze ukagicikaho. Ntituzazinukwa icyaha nitutabona ububi bwacyo, kugeza ubwo tukizibukira kikava mu mutima, ntihazabaho guhinduka by'ukuri mu bugingo."[5]

Ariko kandi, kugirango tugire bene uku kwihana, dukeneye gusobanukirwa uburyo kuboneka. "Iyo umunyabyaha yemejwe iby'icyaha, na none akururwa n'urukundo n'ubutungane bya Kristo, kuko Yesu amwireherezaho. Nta muntu n'umwe ushobora kwihesha ukwihana kw'ingenzi mu gukiza ubugingo. We ubwe ntashobora kwihesha ukwihana, kimwe nk'uko adashobora kwihesha uguhinduka. Kwihana bivuka mu mutima binyuze mu kwitegereza urukundo rwa Kristo, watanze ubugingo Bwe kugirango akize umunyabyaha. Urukundo rw'Imana nirwo rworoshya imitima irusha indi yose kwinangira."[6]

## IMBUTO ZO GUHINDUKA

Umurimo wo guhinduka uhesha imbuto z'agahebuzo. Ubugingo bushya, umutima uboneye, ugizwe mushya, umwuka mwiza n'izindi mbuto, ni ibihamya by'agahebuzo bigaragaza ko umuntu yahindutse. "Umuntu wese iyo ari muri Kristo **aba ari icyaremwe gishya,** ibya kera biba bishize. Dore byose **biba bihindutse bishya**." 2Abakorinto 5:17.

- **Umugore w'Umusamariyakazi**, amaze guhindukirira Yesu, yaretse imibereho ye y'ubusambanyi; nuko ajya mu mudugudu kuvuga Yesu Kristo nka Mesiya – Umukiza. Yohana 4:28,29.
- **Umuntu wari utewe n'abadayimoni,** yari yambaye ubusa igihe yabohorwaga, icyo gihe noneho yagaragaraga yambaye imyenda kandi ubwenge bwe buboneye; ubwambure bwe ntibwongeye kuboneka nyuma yo guhinduka kwe. Luka 8:35.
- **Petero, umurobyi utari warize**, nyuma yo guhinduka kwe yabaye umwungeri w'indahemuka w'ubutumwa bwiza, umuntu w'intiti n'integuza y'ubwami bw'umucyo. Matayo 4:19.

- **Zakayo, umusoresh**a, washinjwaga kuba umugambanyi n'umwanzi w'abaturage, nyuma yo guhinduka kwe yatanze kimwe cya kabiri cy'umutungo we agiha abakene, kandi afata umwanzuro wo kuriha ibyo yibye abo yari yararig-anyije. Luka 19:8,9.
- **Mariya**, wari warigaruriwe n'abadayimoni barindwi kubera imibereho ye y'ubusambanyi, nyuma yo kurokorwa no guhinduka kwe yazaniye Yesu impano y'agaciro kenshi cyane kugirango agaragaze urukundo amukunda n'uburyo amushimira. Mariko 14:3.

Uguhinduka kuzatuma ubushobozi buhanitse bwa Kristo buba mu mibereho yacu, hazarangwa umwuka w'ibwirizabutumwa, kwiyegurira ubushake bw'Imana, ubudahemuka ndetse n'umunezero wera. Iby'agahebuzo n'iby'igikundiro bizarangwa mu mibereho y'umuntu wahindukiriye Uwiteka.

"Umutima wa Kristo, ni umutima wo kuvuga ubutumwa. **Ikintu cya mbere umutima wahindutse bushya uba ushaka gukora ni ukuzana abandi ku Mukiza**."[7]

"**Buri mwigishwa nyakuri avukira mu bwami bw'Imana ari umubwirizabutumwa**. Unywa ku mazi y'ubugingo ahinduka isōko y'ubugingo. Uwakiriye agahinduka utanga."[8]

## GUHINDUKA KW'IKINYOMA

Ni ibisanzwe ko abantu bavuga iby'idini. Abantu bose bavuga ko ari abanyedini siko mu by'ukuri ari Abakristo; abantu benshi biyita Abakristo ntibumvira amahame y'amategeko y'Imana, babaho bakurikije ibyo umuntu wa kera akora bishimisha umubiri. Baba bishuka bibwira ko bahindutse, kandi mu by'ukuri atari ko bimeze. Benshi baravuga bati: "Mana, ndagushimiye yuko ntameze nk'abandi b'abanyazi n'abakiranirwa n'abasambanyi, cyangwa ndetse n'uyu mukoresha w'ikoro. Mu minsi irindwi hose niyiriza ubusa kabiri, ntanga kimwe mu icumi mu byo nungutse byose" (Luka 18:11,12). Kuvuga ibyo kwizera nta gaciro bifite niba umutima utarahindutse.

Impamvu yo guhinduka kw'ikinyoma ntabwo biterwa no kubura ubumenyi cyangwa amahirwe, ahubwo biterwa no kubura ukwiyegurira Imana mu buryo bwuzuye, no kuba umuntu ananirwa kugururira Yesu umutima mu buryo bwuzuye, no kwemera umurimo uhindura w'ubuntu Bwe ugakorera mu bugingo.

Urugero rukomeye ni urwa Yuda Isikariyota, uzwi cyane kubera umurimo we mubi.

"Yuda ntiyigeze agera ubwo yiyegurira Kristo by'ukuri. Ntabwo yigeze aca ukubiri no gukunda iby'isi ndetse n'amafaranga. Yemeye umwanya wo kuba umugabura w'ibya Kristo, ariko ntiyemera guhindurwa n'imbaraga y'Imana."[9]

Igihe ufite ubushake bwo kwitandukanya n'imigirire yawe yose y'ubunyacyaha, uzaba umwe na Kristo, kandi kuba umwe na Kristo ni ukwinjira mu nzira y'ubugingo no mu byanya by'amahoro.

Bityo rero ubwo ubu ngubu turi mu Cyumweru cyo Gusenga, nimutyo uyu ube umwanya wo gusuzuma imitima yacu maze turebe niba hari inzira yo gukiranirwa dukurikiza – niba urukundo rwacu ari igice, niba dufite ibigirwamana byahawe intebe mu mutima, no kumenya tudashidikanya ko dufite imibereho aho Yesu ari Umwami, kandi akaba ariwe Mwami wenyine ufite icyicaro mu mitima yacu (Yesaya 33:22). "Utwigarurire Uwiteka, natwe tuzaba tukugarukiye. **Tugarurire ibihe byacu, bibe nk'ibya kera**." (Amaganya ya Yeremiya 5:21).

## IGIHE KIRAGEZE

Nk'uko Yakobo yagenje, natwe iki ni igihe cyo gukuraho ibigirwamana byahoze biri mu mitima yacu, tukabihamba burundu (Itangiriro 35:2-4). Ni igihe cyo kuvuka ubwa kabiri tubyawe n'Ijambo ry'Imana ndetse n'imbaraga y'Umwuka Wayo (1Petero 1:23). Iki ni igihe cyo kubaturwa tukagira umudendezo Kristo yaduhaye. Ni igihe cyo kureka kugira imitima ibiri, maze kubw'ubuntu bw'Imana bw'igitangaza, duhinduke abagabo, abagore, n'urubyiruko bahuje n'umutima Wayo (Ibyakozwe n'Intumwa 13:22). Ni igihe cyo kubwira Yesu tuti: 'Yego'. Niwiyegurira Yesu uyu munsi, aragukorera igitangaza ushobora kuba ukeneye mu buzima bwawe. Umugambi we urahamye: "Nanjye nzabaha **umutima uhuye kandi mbashyiremo umwuka mushya**, umutima w'ibuye nzawukura mu mubiri wabo mbahe umutima woroshye, kugira ngo bagendere mu mategeko yanjye, bakomeze amateka yanjye kandi bayasohoze, na bo bazaba ubwoko bwanjye nanjye mbe Imana yabo." (Ezekiyeli 11:19,20).

## GUHINDUKA NYAKURI, KUTARI UKW'AMAJYEJURU

Guhinduka bikwiriye kuba iby'ukuri, atari amajyejuru. Umutima w'imbere ugomba guhinduka, atari imibereho igaragarira inyuma gusa; ukwizera gukomeye gukwiriye kurenga imigenzo cyangwa imihango. Mu gihe cy'Umukiza, Abayuda n'abayobozi b'amadini bagaragazaga ukubaha Imana kugaragarira inyuma cyane ariko Yesu yavuze ko imibereho yabo ntacyo imaze kandi ntiyari iboneye. Matayo 23:27,28. Harasabwa ibirenze impinduka zigaragara inyuma; ibyo bifite umwanya wabyo, ariko "umutima w'umwuka", ariwo ntekerezo, ukwiriye kugirwa mushya, kandi ibyo nibyo bizatuma habaho ubugingo bushya.

Abayuda bo mu gihe cya Kristo bishingikirizaga ku bitambo n'imihango, aho kwishingikiriza ku Uwo ibyo byacureraga. Kandi nk'aho ibyo bitari bihagije, ukuba Imana itari kumwe na bo babisimbuje ibisabwa byinshi byahimbwe n'abantu, ndetse bagera n'aho basuzumira ubutungane bwabo ku bwinshi bw'imihango y'idini, mu gihe imitima yabo yagumye gutyo idahindutse, yuzuye ubwibone n'uburyarya.

Impinduka zigaragarira inyuma cyangwa iterambere rigaragarira amaso, sibyo bisabwa; ahubwo harasabwa uguhinduka kuzuye k'ubugingo. Uruhu rw'ingunzu rujya kwijima, ariko mu gihe cy'itumba ruba rufite ibara ryera nk'urubura. Icyo gihe bisa nk'aho iyo ngunzu ari ikiremwa gitandukanye n'ibindi, ariko mu by'ukuri ikintu cyonyine kiba cyahindutse ni ubwoya bwayo, ihinduka riyiha uburyo bwo kwiyoberanya mu gihe cy'itumba. Nubwo guhinduka kwayo kw'inyuma kubaho mu gihe runaka [bitari igihe cyose], kamere yayo iguma kuba ya yindi, iba ikiri ingunzu y'inyabukana, y'inyamahane kandi yica.

"**Isōko y'umutima igomba kwezwa** mbere yuko imigezi yawo itungana. **[Umuntu] ugerageza kugera mw'ijuru ashingiye ku mirimo ye yo gukomeza amategeko aragerageza ibidashoboka**. Nta mutekano w'ufite igisa n'idini rishingiye ku mategeko, rishingiye ku ishusho isa no kubaha Imana. **Imibereho y'Umukristo si ivugurura cyangwa iterambere ry'imibereho ya kera, ahubwo ni ihinduka rya kamere**. Hari ugupfa ku narijye n'icyaha, maze ukagira imibereho mishya muri byose. Iyi mpinduka ibasha kuzanwa n'umurimo ukorwa gusa n'Umwuka Wera."[10]

## "MPFA BURI MUNSI"

Ukugendana n'Imana kwacu bikwiriye kubaho buri munsi, buri munsi dukeneye ubuntu Bwayo buduhindura bashya mu mitima yacu kugirango kamere yacu y'inyacyaha, ya kera – ariyo "muntu wa kera" – irimburwe burundu. Byagaragaye ko igihe umuntu wa kera ahambwe mu mazi y'umubatizo, uwo muntu w'akahebwe amenya koga cyane. Niyo mpamvu Pawulo yavuganye imbaraga ati: "Mpfa buri munsi." 1Abakorinto 15:31.

"Hakenewe ko tuba maso buri gihe, tukongera guhinduka buri munsi, kugirango ingeso z'imico yacu buri muntu ku giti cye zerezwe Imana mu buryo bwuzuye. Imbaraga zacu zigomba kwezwaho inkamba z'icyaha kandi zigatozwa gukora umurimo."[11]

"Ukwezwa kwa Pawulo kwari intambara ihoraho we ubwe yirwanya. Yaravuze ati: 'Mpfa buri munsi.' Buri munsi ubushake bwe n'ibyifuzo bye byarwanyaga inshingano n'ubushake by'Imana. Nyamara aho gukurikiza ibyifuzo bye, yakoze ibyo Imana ishaka, nubwo byabaga bitamushimishije kandi bikaba ari ukubamba kamere ye. Niba dushaka gukomeza kujya mbere tukagera ku muhamagaro wacu uhanitse muri Kristo Yesu, dukwiriye kugaragaza ko twitandukanyije n'inarijye yose; kandi tukaba twarahawe amavuta y'ubuntu y'izahabu."[12]

## IBANGA RIRAHISHUWE

Daniyeli i Babuloni avugwaho kuba yari umuntu utagira umugayo. "Abatware bakomeye n'ab'intebe bashaka impamvu yose yatsindisha Daniyeli mu by'ubutware, ariko bamuburaho impamvu cyangwa igicumuro kuko yari umwiringirwa, ntabonekweho n'amafuti cyangwa igicumuro." (Daniyeli 6:5).

Mbese ibanga ryo kugira imibereho nk'iyo y'ubudahemuka ryari irihe? Umwami Dariyo aduhishurira ibanga rya Daniyeli; ashimangira inshuro ebyiri zose ko ibanga rya Daniyeli ryari mu gusabana n'Imana kwe guhoraho. Daniyeli yakomeje kugira imibereho irangwa no kwizera no gusenga [Imana] buri munsi, akishimira kugirana imishyikirano ya bugufi n'Imana buri munsi. Ibyanditswe biravuga biti: "Yewe Daniyeli mugaragu w'Imana ihoraho, mbese Imana yawe ukorera iteka yabashije kugukiza intare?" Umwami aherako anezerwa cyane, ategeka ko bakura Daniyeli mu rwobo. Nuko bamukuramo basanga nta cyo yabaye, kuko yari yiringiye Imana ye." (Daniyeli 6:20,23).

"Guhinduka by'ukuri bitwerekeza ku gusabana n'Imana buri munsi. Hazabaho ibishuko tugomba guhangana nabyo, hamwe n'ibintu bikomeye bidukura ku Mana; bikadusubiza mu mimerere yacu ya kera yo kutagira icyo twitaho no ku cyaha cyo kwibagirwa Imana."[13]

"Ni jye muzabibu, namwe muri amashami. Uguma muri jye nanjye nkaguma muri we, uwo ni we wera imbuto nyinshi, kuko ari nta cyo mubasha gukora mutamfite." (Yohana 15:5).

## GUHINDUKA K'UMUNTU KU GITI CYE

Buri muntu wese muri twe akeneye gutuma rwose ukwiyegurira Imana kwacu no guhinduka kwacu, biba impamo. Twese dukeneye kugira imibereho nyakuri; Kristo agomba kwimikwa mu mutima, Umwuka We akwiriye gutegeka amarangamutima yacu. Ababyeyi bakeneye ubuntu bw'Imana bucungura binyuze mu mubano umuntu ubwe agirana na Kristo, kimwe nk'uko abana babikeneye. Buri wese muri bo agomba guterwa ku muzabibu w'ukuri kugirango yere imbuto zihesha Data wo mu ijuru icyubahiro. "Ibyo ni byo byubahisha Data, ni uko mwera imbuto nyinshi, mukaba abigishwa banjye." (Yohana 15:8).

"Ibyo Imana itugirira ibinyuza mu buntu Bwayo itugirira. Yadutoranyije kuva mu bihe by'iteka ryose kugirango tube abana Bayo bumvira. Yatanze Umwana Wayo kugirango adupfire, kugirango twezwe binyuze mu kumvira ukuri, duhumanurwe twezweho utuntu twose tw'inarijye. Ubu ngubu Imana idusaba ko umuntu ku giti cye agira umurimo akora, ariwo wo kuyiyegurira."[14]

"Nta kintu gihumanya kizinjira mu murwa w'Imana. Abantu bose bazaturayo bazagomba guhinduka bagire imitima iboneye bakiri hano mu isi. Umuntu wiga ibya Yesu, azagaragaza ko ataranganwa ingeso mbi n'amagambo adakwiriye, ndetse n'ibitekerezo bibi. Kristo naba mu mutima, hazabamo kwera no gutunganya ibitekerezo n'imibereho."[15]

## UMWANZURO

**Henoki** yagendanye n'Imana imyaka 300 nyuma y'ivuka ry'umuhungu we Metusela, kandi mu gihe cy'imyaka irenga 300 Henoki yararikiraga Imana kugendana na we buri munsi, kugeza ubwo umunsi umwe Imana yaje maze iramubwira iti, "Henoki, warandaritse ngo ngendane nawe muri iyi myaka yose 300, kubw'ibyo rero; nanjye ndakuraritse kugirango ugendane nanjye", nuko [Imana] imujyana mu ijuru. "Kandi Henoki yagendanaga n'Imana, ntiyaboneka, kuko Imana yamwimuye." (Itangiriro 5:24). Henoki ntiyasengaga gusa, ahubwo na none yasohozanyaga ubudahemuka inshingano ze yari afite ku Mana no ku bantu bagenzi be; Henoki yaje gukunda ibyo Imana yakundaga kandi yanga ibyo Imana yangaga; binyuze mu kwizera, yagize imibereho yo kumvira, anezeza Imana mu byo yakoraga byose. "Kwizera ni ko kwatumye Henoki yimurirwa mu ijuru ngo adapfa, kandi ntiyaboneka kuko Imana yamwimuye, **kuko yahamijwe atarimurwa yuko yanejeje Imana**." (Abaheburayo 11:5).

"Uwiteka aravuga ati 'Ariko n'ubu nimungarukire n'imitima yanyu yose mwiyirize ubusa, murire muboroge.' " (Yoweli 2:12). Uyu munsi fata igihe gihagije cyo gusuzuma imigirire yawe maze urebe niba ufitanye na Yesu umubano uboneye.

- Mbese uyu munsi wemeye kwegurira Yesu umutima wawe kugirango awuhindure?
- Wowe se wamaze kwiyegurira Yesu, uremera kongera kwiyegurira Yesu bundi bushya kugirango umutima wawe urusheho kuba mwiza nk'uwa Kristo?
- Mbese ubu ngubu wemeye gusenga kugirango umutima wawe uwegurire Yesu?

Nimutyo dufatanyirize hamwe gusenga. ℛ

### AHO BIBONEKA:


[1] *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.172
[2] *Ibid*, p.175,176
[3] *Ibid*, p.173
[4] *Umwuka w'Ubuhanuzi*, vol 4, p.298
[5] *Kugana Yesu*, p.23
[6] *Urwibutso n'Integuza*, kuwa 03 Nzeri 1901
[7] *Intambara Ikomeye*, p.70
[8] *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.195
[9] *Ibid*, p.717
[10] *Ibid*, p.172
[11] *This Day With God*, p.307
[12] *The Youth's Instructor*, August 24, 1899.
[13] *This Day With God*, p.277
[14] *The Youth's Instructor*, August 24, 1899.
[15] *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha* [Abahirwa ni Bande?], p.24,25.



Kuwa Kane, 11 Ukuboza 2024

# GUHANAGURWA KW'IBYAHA

BYATEGUWE NA JETHRO M. SISTHOLE, WO MURI AFURIKA Y'EPFO

Ubwanjye ni jye uhanagura ibicumuro byawe nkakubabarira ku bwanjye, kandi ibyaha byawe sinzabyibuka ukundi." (Yesaya 43:25). Guhanagura bisobanura gukuraho ikintu burundu, kugisiba cyangwa kukimaraho rwose nticyongere kubaho cyangwa kwibukwa.

Ubwishingizi Imana yaduhaye binyuze mu muhanuzi Yesaya busobanura ko "Abantu bose bihannye ibyaha byabo by'ukuri, kandi kubwo kwizera bakisunga amaraso ya Yesu we gitambo cyabo gikuraho ibyaha, bagiriwe imbabazi maze zandikwa imbere y'amazina yabo mu bitabo byo mu ijuru. Kuko bahindutse abafite umugabane ku gukiranuka kwa Kristo kandi imico yabo igasangwa ihuje n'amategeko y'Imana, ibyaha byabo byarahanaguwe, kandi bo bazasangwa bakwiriye guhabwa ubugingo buhoraho."[1] Nimutyo rero dusuzume mu buryo bwimbitse impamvu gukurwaho ibyaha ari ngombwa.

## UKUTUMVIRA NDETSE N'IKIZINGA CY'ICYAHA

Umuntu amaze gusuzugura amategeko y'Imana muri Edeni, "Umucyo w'ubwiza wari umugose, uwo Imana yari yarahaye Adamu wera, wari umufubitse nk'umwambaro, wamuvuyeho nyuma yo gucumura. Umucyo w'ubwiza bw'Imana ntiwashoboraga gufubika kutumvira n'icyaha. Mu mwanya w'ubuzima n'imigisha myinshi, ubukene, uburwayi n'umubabaro w'uburyo bwose byagombaga kuba umugabane w'abana ba Adamu."[2] Ikibabaje ariko, ni uko umuntu yatakaje amahirwe akomeye cyane, ayagurana ibizinga by'icyaha.

"Satani yashoboye gucumuza umuntu, kandi kuva icyo gihe umurimo we ni uguhanagura ishusho y'Imana mu muntu, no gushyira mu mitima y'abantu ikimenyetso cy'ishusho ye bwite."[3]

"Icyaha kitarabaho, Adamu yashimishwaga no gusabana n'Umuremyi we imbonankubone. Ariko guhera igihe umuntu yitandukanyaga n'Imana bitewe no kuyicumuraho, ikiremwamuntu cyabuze ayo mahirwe y'agahebuzo. Nyamara binyuze mu nama y'agakiza, habonetse uburyo buhesha abatuye iyi si gukomeza kugira umuyoboro ubahuza n'ijuru."[4]

## URUKUNDO RUTANGAJE IMANA IKUNDA ABANTU

Adamu na Eva bagombaga gupfa nta kabuza bitewe n'uko batumviye. Iyo hataza kubaho inama y'agakiza, bari guhita bapfa ako kanya bakimara kurya ku mbuto zabuzanyijwe.

"Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha." (Abaroma 5:8). Uburebure bw'urukundo rw'Imana buvugwa mu magambo agira ati: "Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane" (Yohana 3:16), bushobora gusobanuka neza binyuze mu ihishurwa ritangaje ry'uko Umwana w'Intama w'Imana "yatambwe uhereye ku kuremwa kw'isi" (Ibyahishuwe 13:8).

Kubw'urukundo rwahozeho na mbere yuko turemwa, Imana yatanze isezerano ry'urwango ruzagirirwa umubi (reba Itangiriro 3:15). "Nk'uko [iri sezerano] ryavuze mbere ko hazabaho intambara hagati y'umuntu na Satani, **ryahamyaga ko ku iherezo imbaraga y'umwanzi ukomeye izashiraho**."[5]

"Nta wundi uretse Kristo washoboraga gucungura umuntu akamukura mu muvumo wo kwica amategeko, akongera kumuhuza n'ijuru."6 Urukundo rutangaje rw'Imana rwagaragaye binyuze mu nama y'agakiza kugirango hasubizweho umugambi Wayo utunganye ifitiye inyokomuntu. Uwiteka yashyizeho imihango yo gutamba ibitambo kugirango ihishure mu buryo bugaragara inama Ye y'agakiza.

## IBIMENYETSO N'IBYACURERAGA IMPONGANO YA KRISTO

Impongano ni ukwiyunga kw'Imana n'abantu binyuze mu rupfu Kristo yapfuye akaba igitambo. Imaze kubwira Adamu na Eva iby'inama y'agakiza, Imana yasimbuje umwambaro w'umucyo wari wabakuweho n'ubucocero bw'amababi y'umutini imyambaro y'impu, yashushanyaga umwambaro wo gukiranuka kwa Kristo ndetse n'umwambaro w'agakiza. Kugirango iyo myambaro iboneke, hagombaga gutambwa igitambo, kuko "amaraso atavuye ntihabaho kubabarirwa ibyaha." (Abaheburayo 9:22), byacureraga igitambo cya Kristo ku musaraba.

Uhereye ku gicaniro cyubatswe



na Aburahamu mu gihugu cya Moriya kugirango atambe Isaka ho igitambo, kugeza ku rusengero rwubatswe na Salomo ku musozi wa Moriya kugirango Imana ibane na bo, ndetse n'amaraso y'amatungo yatambwaga mu gihe cy'imyaka myinshi, byabaye igihamya rwose yuko ari ibimenyetso n'ibyacureraga amaraso ya Kristo afite ubushobozi bwo guhanagura ibyaha by'abantu (Itangiriro 22:2; 2Ngoma 3:1). "Gusobanukirwa neza umurimo ukorerwa mu buturo bwera bwo mu ijuru nirwo rufatiro rwo kwizera kwacu"[7]

"Ijambo "Ubuturo bwera," nk'uko rikoreshwa muri Bibiliya, bwa mbere ryerekeza ku ihema ry'ibonaniro ryubatswe na Mose, nk'igishushanyo cy'ibyo mu ijuru. Bwa kabiri, ryerekeza ku "ihema ry'ibonaniro nyakuri" ryo mu ijuru, ari ryo ihema ryo ku isi ryatungaga agatoki cyangwa se ryashushanyaga."[8]

Mu gihe bari mu rugendo rwabo berekeza i Kanani, Imana yategetse Abisirayeli binyuze muri Mose ko bayubakira ubuturo bwera kugirango ibashe gutura hagati muri bo (Kuva 25:8). "Imana yerekeye Mose ku musozi ubuturo bwera bwo mu ijuru maze imutegeka gukora ibintu byose akurikije icyitegererezo yeretswe."[9]

Ubuturo bwera bwo mu isi cyangwa ihema ry'ibonaniro, bwari bugizwe n'urugo, Ahera n'Ahera cyane; byashushanyaga umurimo wa Kristo wahanuwe uhereye ku ivuka Rye kugeza igihe yahanaguragaho icyaha.

1. **Urugo (Kuva 27:9 – 18)**, ahantu hakikije ihema ry'ibonaniro, kandi akaba ari naho ibitambo byose byatambirwaga, ni ikigereranyo cy'isi aho Yesu, uwagereranywaga n'igitambo gikuru, yagombaga gupfira kubw'ibyaha byacu (Yohana 12:32,33).[10] Inzira imwe rukumbi yinjira mu rugo umunyabyaha yanyuragamo azanye igitambo cy'ibyaha bye, itwibutsa kwizera Kristo nk'uburyo bwonyine rukumbi bwo kwinjira mu mushyikirano w'isezerano dufitanye n'Imana (Yohana 10:7,9). Igicaniro cy'ibitambo byoswa (Kuva 27:1-8), iruhande rwacyo hari aho amaraso y'igitambo yasukwaga, n'aho ivu ry'igitambo cyoswa ryashyirwaga (Abalewi 6:10; Gutegeka kwa Kabiri 12:27), byashushanyaga kumeneka kw'amaraso y'igiciro cyinshi ya Yesu, ayari gukuraho umuvumo w'icyaha kuri iyi si, kandi agaharura inzira yo kwejesha [isi] umuriro (Malaki 4:1,3).[11] Amaraso y'igitambo na yo yigishaga ko binyuze mu maraso ya Yesu gusa; ari bwo dushobora kwinjira mu buturo bwera aho Imana iri dufite ubushizi bw'amanga (Abaheburayo 10:19,20). Igikarabiro cy'amazi (Kuva 30:17 – 21) cyari hagati y'irembo ry'urugo n'ihema ry'ibonaniro, kandi nicyo abatambyi bakarabiragamo intoki n'ibirenge mbere yo kwinjira mu ihema ry'ibonaniro, kikaba ari urugero rwiza rw'ukuri twigishwa na Nikodemo ku byerekeranye no kwezwa mu by'umwuka gukenewe kugirango twinjire aho Imana iri, kandi umubatizo nawo ni ikimenyetso. (Yohana 3:5).[12]

2. **Ihema ry'Ibonaniro ryari rigizwe n'Ahera ndetse n'Ahera cyane (Abaheburayo 9:1,2)**.

A. **Ahera** hari harimo ibikoresho bikurikira by'ikigereranyo: **ameza y'imitsima** yo kumurikwa (Kuva 25:23-30), yasohoreye kuri Yesu, we Mutsima w'ubugingo (Yohana 6:48,33,51).[13] **Igitekereko cy'amatabaza** (Kuva 25:31-40), cyashushanyaga itorero (Ibyahishuwe 1:12,20) rigomba gufata rikomeje itabaza ry'ijambo ry'Imana (Zaburi 119:105) mu gihe amavuta ari muri buri tabaza agereranya umurimo w'Umwuka Wera ku isi (Zekariya 4:1-6,10, uhagereranye n'Ibyahishuwe 5:6). **Igicaniro cy'imibavu** (Kuva 30:1-7) cyashushanyaga ukudusabira kwa Yesu ubudacogora gufite impumuro nziza ivanze n'amasengesho yacu (Abaheburayo 7:25; Ibyahishuwe 8:3,4).

B. **Ahera cyane** (Abaheburayo 9:3-5) hari harimo ibikoresho by'ikigereranyo bikurikira: **Isanduku y'isezerano** (Kuva 25:10-22), ikimenyetso cy'uko Imana yari ihari.[14] Muri iyo sanduku hari harimo ibisate bibiri by'amabuye byariho **Amategeko Cumi** yari yaranditswe n'urutoki rw'Imana (Gutegeka kwa Kabiri 10:4,5). Ibyo byari kandi biracyari imvugo y'imico y'Imana idashobora guhinduka.[15] **Intebe y'ihongerero** (Kuva 25:17-21) yari itwikiriye amategeko yishwe, niho Imana yari iri mu buryo bugaragara (Kuva 25:32; 30:6). Ibi byashushanyaga ubumwe bw'imbabazi n'ubutabera mu mugambi wo gucungura umuntu kandi byari ikimenyetso cyerekana rwose intebe ya cyami y'Imana ikomeye, ivuga izina Ryayo nka "[Imana] y'ibambe n'imbabazi, itinda kurakara ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi" (Kuva 34:5-7).[16] **Urwabya rwa manu** (Abaheburayo 9:4) rwari urwibutso rw'uko Imana yitaye ku bwoko Bwayo igihe yabagushirizaga umutsima mu butayu kugirango ubatunge (Kuva 16:32,33). Bityo rero muri iki gihe, mu kuba Imana itwitaho, yatugushirije imirasire y'umucyo w'agaciro kenshi ku kibazo cy'ibyo kurya, uwo ukaba ari umugisha iha abantu bose bawakira.[17] Uko dusangiza abandi uyu mucyo, niko amarembo azajya akingurwa kugirango ubutumwa bwiza bubwirizwe. Bityo rero, ubutumwa bwo kwitungira amagara mazima bukwiriye kuba ukuboko kw'iburyo k'ubutumwa bwa marayika wa gatatu.[18] **Inkoni ya Aroni yapfunditse uburabyo** (Abaheburayo 9:4) yari urwibutso rwo kubaha gahunda y'imiyoborere n'ubuyobozi Imana yari yarashyiriyeho itorero Ryayo.[19]

Ubuturo bwera bwo ku isi n'imirimo yabwo y'ikigereranyo byashyizweho n'Imana mu buryo bw'agateganyo kugirango yigishe Abisirayeli ndetse natwe ibyerekeranye na gahunda y'ibitambo, gahunda itunganye kandi yuzuye y'inama y'agakiza ndetse n'umurimo Kristo ari gukorera mu buturo bwera bwo mu ijuru. **Urupfu rwa Kristo ku musaraba rwakuyeho imihango yo gutamba ibitambo byo mu buturo bwera bwo ku isi**, bityo muri iki gihe ntacyo bikimaze (Abakolosayi 2:14; Abaheburayo 9:8-14).

## UBUTAMBYI

Hari itandukaniro ryo kwitabwaho riri hagati y'ubutambyi bwa Yesu n'ubutambyi bwo mu isi.

Imana yatoranyije umuryango

wa Lewi kugirango ukore umurimo w'ubutambyi mu ihema ry'ibonaniro ryo mu isi (Kubara 1:50; Kuva 28:1; Abalewi 21:17-23). Ariko Yesu ntiyashoboraga kuba umutambyi mukuru ku isi, "Kandi biragaragara rwose yuko Umwami wacu yakomotse kuri Yuda, ari nta cyo Mose yavuze kuri uwo muryango cyerekeye ubutambyi." (Abaheburayo 7:14). Umutambyi mukuru yatoranywaga akuwe mu bwoko bwe (Abaheburayo 5:1). Kugirango Yesu abe umutambyi mukuru w'umuntu mu ijuru, ntabwo "yafashe kamere y'abamarayika, ahubwo yafashe iy'urubyaro rwa Aburahamu." (Abaheburayo 2:16). Ibihabanye n'ubutambyi bw'Abalewi, ubutambyi bwa Yesu bwari ubwo mu buryo bwa Melikisedeki, ntibugira itangiriro cyangwa iherezo (Abaheburayo 7:3).

Hari ibintu bibiri byaranze ihinduka ry'ubutambyi uvuye ku bwo mu isi ukajya ku bwo mu ijuru. Igihe Kristo yabambwaga ku musaraba "Gutabuka k'umwenda wo mu buturo bwera byerekanaga ko ibitambo by'Abayuda n'imihango yakorwaga bitazongera kwakirwa ukundi."[20] "Mu gushishimura imyambaro ye, [Kayafa] yari yivanye ku murimo wo guhagararira Imana. Imana ntiyari ikimwemera ukundi nk'umutambyi mukuru uyikorera."[21]

## IBITAMBO BYA BURI MUNSI

Imihango yo gutamba ibitambo bya buri munsi yakorerwaga mu rugo ndetse n'ahera kugirango bitunge urutoki ku gitambo cya Mesiya ku musaraba. Umunyabyaha yasabwaga kuzana itungo rikiri rito ridafite inenge (umwana w'intama) nk'igitambo cy'ibyaha. Umwana w'intama (Kuva 12:21), yagereranyaga Yesu, Umwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi (Yohana 1:29; 1Abakorinto 5:7). Umunyabyaha yarambikaga ibiganza bye ku mutwe w'itungo, ari nako yatura ibyaha bye mu gihe ariwe ubwe wabaga yishe iryo tungo.

Umutambyi yafataga amaraso yaryo, akayaminjagira ku mahembe y'igicaniro, hanyuma asigaye akayasuka ku gicaniro hasi cyangwa akayaminjagira imbere y'umwenda ukingiriza igicaniro cy'imibavu cy'ahera, cyangwa akarya ku gice cy'igitambo mbere yo kwinjira ahera. Umuhango wose wasobanuraga kwimura ibyaha biva ku munyabyaha bigashyirwa ku buturo bwera (Abaheburayo 9:6; Abalewi 4:3,7,22,23; 6:10; 10:17,18).

"Uko mu gitondo na nimugoroba abatambyi binjiraga ahera mu gihe cyo kōsa imibavu, ni ko igitambo cya buri munsi cyabaga kigiye gutambirwa ku gicaniro cyo mu rugo… [Abaramyaga Imana] bafatanyirizaga hamwe gusenga bucece, berekeje amaso yabo ahera. Bityo amasengesho yabo yazamukanaga n'umwotsi w'umubavu mu gihe ukwizera kwishingikirizaga ku byo Umukiza wasezeranywe yagombaga gukora byagereranywaga n'igitambo cy'impongano."[22]

"Kubera ko ibyaha by'Abisirayeli byashyirwaga ku buturo bwera muri ubwo buryo, ahera haranduzwaga, maze bigatuma hakenerwa umurimo wihariye kugira ngo ibyaha bikurwe ku buturo. Imana yategetse ko buri cyumba cy'ubuturo gitangirwa impongano kimwe n'igicaniro kugira ngo 'gihumanurwe, cyezwe gikurweho guhumana kw'Abisirayeli kwinshi.' "[23]

## UMUNSI W'IMPONGANO

Umunsi w'impongano (Yom Kippur) ni umunsi wa 10 w'ukwezi kwa 7 kwa Tishireti (hagati ya Nzeri n'Ukwakira) kandi wari umunsi wera cyane ku ngengabihe (kalendari) y'Abayuda (Abalewi 23:27).

"**Rimwe mu mwaka, ku munsi mukuru w'Impongano, umutambyi mukuru yinjiraga ahera cyane kugira ngo yeze ubuturo bwera. Umurimo wakorerwaga aho wasozaga umurimo w'ubutambyi w'umwaka wose**." (Abaheburayo 9:7).[24]

"Igihe umurimo wo guhongerera wabaga ukorwa, umuntu wese yagombaga kwibabaza. Barekaga imirimo yose, kandi imbaga yose y'Abisirayeli bamaraga uwo munsi bicishije bugufi cyane imbere y'Imana, basenga, biyirije ubusa, kandi bakisuzuma cyane mu mitima…. Uko ni ko uwo umurimo wakorwaga ari "igishushanyo n'igicucu cy'ibyo mu ijuru." Abaheburayo 8:5."[25]

## UMURIMO WA KRISTO AHERA

Kristo amaze kuzamurwa mu ijuru, yatangiye umurimo We wo kutubera Umutambyi Mukuru. "Uwo murimo w'ubutambyi wakomeje gukorerwa mu cyumba cya mbere cy'ubuturo bwera bwo mu ijuru mu gihe cy'ibinyejana cumi n'umunani. Amaraso ya Kristo wasabiraga abanyabyaha bihana, yabahesheje imbabazi no kwemerwa n'Imana, nyamara ibyaha byabo byakomeje kwandikwa mu bitabo."[26]

## URUBANZA RW'IGENZURA

"Kandi nk'uko kwezwa k'ubuturo bwera bwo ku isi byakorwaga binyuze mu kubukuramo ibyaha byabaga byarabwanduje, ni ko kwezwa nyakuri k'ubuturo bwera bwo mu ijuru bigomba gukorwa binyuze mu gukuramo cyangwa gutsembaho burundu ibyaha byanditswemo. Ariko mbere y'uko ibyo bikorwa, hagomba kubaho gusuzumwa kw'ibyanditswe mu bitabo kugira ngo kubwo kwihana ibyaha no kwizera Kristo, hemezwe abo impongano ye igirira umumaro cyangwa yungura. Kwezwa k'ubuturo bwera rero kurimo n'igikorwa cyo gusuzuma; ari wo murimo w'urubanza. Uyu murimo ugomba gukorwa mbere yo kugaruka kwa Kristo aje gucungura abantu Be."[27]

"Ku munsi ukomeye w'impongano iheruka n'urubanza rusuzuma, hasuzumwa gusa imanza z'abavuga ko ari ubwoko bw'Imana (1Petero 4:17). Urubanza rw'inkozi z'ibibi n'umurimo wihariye kandi utandukanye n'uwo, kandi uzabaho nyuma."[28]

"**Urubanza rwo kugenzura ndetse no guhanagurwa kw'ibyaha byatangiye ku gihe cyagenwe ari cyo herezo ry'iminsi 2300**, mu mwaka wa 1844. Abantu bose bigeze kwitirirwa izina rya Kristo, bazagerwaho n'iryo genzura rikomeye. Abazima n'abapfuye bose bagomba gucirwa imanza 'z'ibyanditswe muri ibyo bitabo, zikwiriye ibyo bakoze.' "[29]

"Ibitabo byandikwamo mu ijuru birimo amazina n'ibikorwa byose by'abantu, bibereyeho guhamya imyanzuro y'urubanza….

"**Igitabo cy'ubugingo** cyanditswemo amazina y'abantu bose bagize uruhare mu murimo w'Imana…. (Luka 10:20, Abafilipi 4:3; Daniyeli 12:1; Ibyahishuwe 21:27).

"**Igitabo cy'urwibutso** cyandikirwa imbere y'Imana, kikandikwamo ibikorwa byose byiza "by'abubaha Uwiteka, bakita ku izina rye." Malaki 3:16; Nehemiya 13:14….. [Mu gitabo cy'Imana cy'urwibutso] umurimo wose wo gukiranuka wanditswemo ubutazasibangana.

"Hari na none ahandi **handikwa ibyaha by'abantu**."[30] Buri gikorwa kibi cyose, buri jambo ryose ry'imfabusa rivuzwe rizacirwa urubanza (Umubwiriza 12:14; Matayo 12:36,37; 1Abakorinto 4:5; Yesaya 65:6,7).

"**Ibyaha bitihanwe ngo birekwe, ntibizababarirwa kandi ntibizahanagurwa mu bitabo, ahubwo bizashinja umunyabyaha**

**ku munsi w'Imana…. Icyaha gishobora guhishwa**, kigahakanwa, kigahishwa ababyeyi, kigahishwa umugore, kigahishwa umugabo, kigahishwa abana n'incuti, abo mukorana n'abandi. Umunyacyaha ashobora kuba ari we wenyine uzi icyaha yakoze; ariko ibyo byose bigaragara nk'ibyambaye ubusa imbere y'abo mu ijuru…. Imana ifite ibyakozwe byose nk'uko biri byerekeye igikorwa cyose kidatunganye n'uburiganya bwose."[31]

"Icyo umuntu akoze cyose kinyura imbere y'Imana kikandikwa ko ari igikorwa cyo gukiranuka cyangwa se ko ari icyo gukiranirwa. Mu buhanga butangaje kandi butagereranywa, imbere y'izina ryose mu bitabo byo mu ijuru, handikwa ijambo ryose ry'ibinyoma, umurimo wose wo kwikanyiza, inshingano yose ituzujwe n'icyaha cyose gikorerwa mu rwihisho."[32] "Mbega uko bikomeye gutekereza ko uko umunsi uhita mu buzima bwacu ugira ibyo wongera ku byandikwa kuri twe mu bitabo byo mu ijuru!... Imigirire yacu, amagambo tuvuga n'ibyo dukorera mu ibanga rikomeye cyane…. bona n'ubwo twe twabyibagirwa, ariko bizatanga ubuhamya bwo kuturengera cyangwa kuduciraho iteka."[33]

## KRISTO, UMUVUGIZI WACU AHERA CYANE

"Icyakora nihagira umuntu ukora icyaha, dufite Umurengezi kuri Data wa twese, ari we Yesu Kristo ukiranuka." (1Yohana 2:1). Reba na none Abaheburayo 9:24.

"Ubwo ibitabo by'ibyanditswe ku bantu byabumburwaga, imibereho y'abantu bose bizeye Yesu igaragazwa imbere y'Imana. Ahereye ku babanjirije abandi bose kuba ku isi, Umuvugizi wacu yerekana iby'ibisekuru byose byagiye bikurikirana, maze asoreza ku bakiriho. Izina ryose riravugwa, urubanza rwa buri wese rugasuzumanwa ubushishozi. Amazina amwe akemerwa, ayandi ntiyemerwe. Igihe hagize umuntu ufite ibyaha bicyanditswe mu bitabo byo mu ijuru, ibyaha bitihanwe ngo bibabarirwe, izina rye rizahanagurwa mu gitabo cy'ubugingo, kandi ibyanditswe bigaragaza imirimo myiza bakoze bizahanagurwa mu gitabo cy'Imana cy'urwibutso…

"**Abantu bose bihannye ibyaha byabo by'ukuri, kandi kubwo kwizera bakisunga amaraso ya Yesu we gitambo cyabo gikuraho ibyaha, bagiriwe imbabazi maze zandikwa imbere y'amazina yabo mu bitabo byo mu ijuru**. Kuko bahindutse abafite umugabane ku gukiranuka kwa Kristo kandi imico yabo igasangwa ihuje n'amategeko y'Imana, ibyaha byabo byarahanaguwe, kandi bo bazasangwa bakwiriye guhabwa ubugingo buhoraho." (Yesaya 43:25; Ibyahishuwe 3:5; Matayo 10:32,33).[34]

## INSHINGANO YACU IKOMEYE

Ugusobanukirwa kwacu mu buryo bukwiriye umurimo wo gucira abantu imanza, bidusaba kugira icyo dukora tutazuyaje kugirango tuzabone agakiza.

"Muri iyi minsi mike isigaye y'igihe cy'imbabazi, abantu bose bifuza ko amazina yabo adahanagurwa mu gitabo cy'ubugingo, bakwiriye kwibabariza imbere y'Imana batewe agahinda n'icyaha kandi bafite kwihana nyakuri. Bakwiriye kwinira bakisuzuma mu mitima yabo. Umwuka udafashije kandi w'ubupfapfa ugundiriwe na benshi bavuga ko ari Abakristo ugomba kurekwa."[35]

Dukeneye gukorera agakiza kacu dutinya, duhinda imishyitsi. (Abafilipi 2:12). "Igihe umurimo w'urubanza rw'igenzura uzaba urangiye, iherezo ry'abantu bose rizaba ryafashweho umwanzuro ryaba ari ubugingo cyangwa urupfu. Igihe cy'imbabazi kizarangira mbere ho gato yo kuboneka k'Umwami wacu Yesu mu bicu byo mu ijuru. Mu Byahishuwe ubwo Kristo yarebaga ibizaba icyo gihe yaravuze ati: 'Ukiranirwa agumye akiranirwe, uwanduye mu mutima agumye yandure, umukiranutsi agumye akiranuke, uwera agumye yezwe. Dore ndaza vuba nzanye ingororano, kugira ngo ngororere umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze.' "[36]

## UMWANZURO

"Abakiranutsi n'abanyabyaha bazaba bakiri ku isi bagifite imibereho yabo ipfa. Abantu bazaba bahinga, bubaka, barya kandi banywa, bose batazi ko umwanzuro uheruka kandi utavuguruzwa wamaze gufatirwa mu buturo bwera bwo mu ijuru…. Nk'uko umujura wa nijoro aza bucece, ntawe umubona, ni ko bizaba no ku isaha iheruka izaranga iherezo rya buri wese ndetse no gukurwaho guheruka kw'itangwa ry'imbabazi ku banyabyaha.

"Nuko namwe mube maso… atazabatungura agasanga musinziriye." Mariko 13:35, 36. Abarambirwa kuba maso; bakarangamira ibirangaza by'isi bari mu kaga gakomeye. Mu gihe abacuruzi bahugiye mu gukurikirana inyungu, mu gihe abakunda ibibanezeza bashaka guhaza ibyifuzo byabo, mu gihe ababaswe no kugendana n'ibigezweho barangamiye imirimbo, byashoboka ko muri icyo gihe ari bwo Umucamanza w'isi yose yazaca iteka avuga ati: 'Wapimwe mu bipimo, ugaragara ko udashyitse.' Daniyeli 5:27."[37]

Abagize ubwoko bw'Imana ntibagomba kumva ko batagifite umutwaro w'icyaha, kugeza igihe Imana izaba imaze kurimbura uwabaye inkomoko y'icyaha. **Iki nicyo gihe dukwiriye kwibabaza, tukisuzuma mu mitima yacu mu buryo bwimbitse, kandi tugasenga dushyizeho umwete dusaba ko ibyaha byacu bihanagurwa aho kugirango amazina yacu ahanagurwe mu gitabo cy'ubugingo**. Amena. ℛ

### AHO BIBONEKA:


[1]*Maranata*, p. 93.
[2]*Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 1, p. 270.
[3]*Ubuntu bw'Imana Butangaje*, p. 161.
[4]*Intambara Ikomeye*, p. c. 2. [Ingeri yo mu mwaka 1888]
[5]*Ukwizera Kumbeshejeho*, p. 75.
[6]*Abakurambere n'Abahanuzi*, p. 63.
[7]*Ivugabutumwa*, p. 221.
[8]*Ukwizera Kumbeshejeho*, p. 202.
[9]*Abakurambere n'Abahanuzi*, p. 343.
[10]*Haskell, S.N., The Cross and Its Shadow*, pp. 176, 178.
[11]*Ibid.*, pp. 129, 130.
[12]*Ibid.*, p.179.
[13]*Ibid.*, p. 56.
[14]*Ibihamya by'Itorero*, vol. 4, p. 157.
[15]*Reflecting Christ*, p. 46.
[16]*Ubuntu bw'Imana Butangaje*, p. 69.
[17]*Inama ku Mirire n'ibyo Kurya*, p. 269.
[18]*Inama ku Buzima*, p. 219.
[19]*Abakurambere n'Abahanuzi*, pp. 397, 403.
[20]*Inyandiko z'Ibanze*, pp. 259, 260.
[21]*Uwifuzwa Ibihe Byose*, p. 709.
[22]*Abakurambere n'Abahanuzi*, p. 353.
[23]*Ibid.*, p. 355.
[24]Ibid.
[25]Ibid.
[26]*Intambara Ikomeye*, p. 421.
[27]Ibid.
[28]Ibid., p. 480.
[29]Ibid., p. 486.
[30]Ibid., pp. 480, 481.
[31]Ibid., p. 486.
[32]Ibid., p. 482.
[33]Ibid., pp. 486, 487.
[34]Ibid., p. 483.
[35]Ibid., p. 490.
[36]Ibid.
[37]Ibid., p. 491.



Kuwa Gatandatu, 13 Ukuboza 2024

# IBIHE BY'IHEMBURWA

BYATEGUWE NA A. C. SAS – WO MURI AUSTRALIA [OSITARALIYA]

Ibyanditswe Byera bitwigisha byeruye ko "Ikintu cyose kigenerwa igihe cyacyo, n'icyagambiriwe munsi y'ijuru cyose gifite umwanya wacyo." (Umubwiriza 3:1). Ni muri ubwo buryo rero, "ihemburwa" naryo rifite igihe rigomba gusohorezwa.

Ijambo "ihemburwa" ryakoreshwaga mu Burasirazuba, ryerekeza ku mvura yagwaga ku butaka mbere y'isarura rya nyuma ry'ibinyampeke. Na none [iyo mvura] yari izwi nka "imvura y'itumba".

"Mu burasirazuba imvura y'umuhindo igwa mu gihe cyo kubiba. Iba ari ngombwa kugirango itume imbuto zimera. Bitewe n'ibitonyanga by'imvura bisomya ubutaka, bitera imimero gupfupfunuka mu butaka. Imvura y'itumba yo igwa ku iherezo ry'igihe cy'ihinga, ikeza imyaka kandi ikayitegurira gusarurwa. Uwiteka akoresha urwo rugero rw'imikorere y'ibyaremwe kugirango adusobanurire iby'umurimo w'Umwuka Wera."[1]

Mu isezerano rya Kera umuhanuzi Zekariya ntiyavuze gusa ibyo kugwa kw'imvura y'itumba, ahubwo yanavuze ko ubwoko bw'Imana bukwiriye gusenga maze bugasaba kuyisukirwa mu gihe gikwiriye.

"Nimusabe Uwiteka imvura mu gihe cy'itumba, muyisabe Uwiteka urema imirabyo, na we azabavubira imvura y'umurindi, umuntu wese azamumereza ubwatsi mu rwuri rwe." (Zekariya 10:1).

Mu Isezerano Rishya, intumwa Petero na we yerekeje ku "ihemburwa" igihe yabwirizaga imbaga y'abantu bari bateraniye hamwe ku munsi wa Pentekote. Icyo gihe bahawe imbaraga ikomeye iturutse mu ijuru. Basukiwe Umwuka Wera ku bwinshi. Ibyababayeho icyo gihe byiswe "imvura y'umuhindo".

"Nk'uko 'imvura y'umuhindo' yatanzwe, igihe Umwuka Wera yasukwaga mu itangira ry'ubutumwa bwiza, kugira ngo imbuto z'igiciro zabibwe zikure, ni nako no ku iherezo, 'imvura y'itumba' izatangwa kugira ngo yeze imbuto zigiye gusarurwa."[2]

Igihe intumwa Petero yavugaga ibyerekeranye "n'ibihe by'ihemburwa" yagaragaje neza ko hari intambwe z'ingenzi cyane zigomba guterwa mbere yuko ibyo bintu bisohora, nkuko bigaragazwa mu byigwa by'iki Cyumweru cyo Gusenga, yibanze ku murongo wo muri Bibiliya ugira uti: "Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe ngo iminsi yo guhemburwa ibone uko iza ituruka ku Mmwami Imana, itume Yesu ari we Kristo wabatoranirijwe kera" (Ibyakozwe n'Intumwa 3:19,20). Hano dufite ingingo eshanu z'ingenzi:

a. Kwihana
b. Guhinduka
c. Gukurwaho kw'ibyaha
d. Ibihe by'ihemburwa
e. Kugaruka kwa Yesu

## KWIHANA

Kwihana nyakuri bizatuma umuntu yemera icyaha cye kandi acyature. "Ingero ziri mu Ijambo ry'Imana zo kwihana no kwicisha bugufi by'ukuri zigaragaza umwuka wo kwatura ibyaha, utagira urwitwazo rw'icyaha cyangwa ngo umuntu agerageze kwitsindishiriza. Pawulo ntiyigeze ashaka kwirwanaho; ahubwo yeruye icyaha cye cyirabura ntiyagerageza kugabanya ububi bwacyo."[3]

Intumwa Yohana yaranditse ati: "Nituvuga yuko ari nta cyaha dufite tuba twishutse, ukuri kuba kutari muri twe. Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose." (1Yohana 1:8,9). Iri ni isezerano ry'agahebuzo: iyo twatuye ibyaha byacu, turababarirwa kandi tukezwa.

## GUHINDUKA

Iyo tumaze kwihana no kwatura ibyaha byacu, turarikirwa guhinduka. Guhinduka ni uguhindura

imibereho yacu mu buryo bwuzuye, tukagendera mu cyerekezo gihabanye n'icyo twari dusanzwe turimo. Uwiteka aturarikira gutera umugongo iby'isi tukamusanga, ku bushake bitari agahato:

"Uwiteka aravuga ati 'Ariko n'ubu nimungarukire n'imitima yanyu yose mwiyirize ubusa, murire muboroge.' Imitima yanyu abe ari yo mutanyura mureke imyenda yanyu, muhindukirire Uwiteka Imana yanyu kuko igira impuhwe. Yuzuwe n'imbabazi, ntiyihutira kurakara ahubwo ihorana ibambe ryinshi, kandi yitangīra kuzana ikibi." (Yoweli 2:12,13).

"Impinduka zizagaragarira mu mico, mu ngeso, no mu bishishikaza umuntu."[4]

Ibyo si ugukosora ibintu byoroheje byo mu mibereho yacu mu by'umwuka, ahubwo ni uguhinduka mu buryo bwuzuye.

"Nta gihamya cy'uko umuntu yihannye by'ukuri keretse gusa iyo bimuteye kugira ivugurura. Naramuka atanze icyo yarahiriye, akagarura ibyo yibye, akihana ibyaha bye, agakunda Imana na bagenzi be, icyo gihe nibwo umunyabyaha abasha kumenya neza ko avuye mu rupfu ageze mu bugingo."[5]

## GUHANAGURWA KW'IBYAHA

Nkuko na none twabibonye muri iki Cyumweru cyo Gusenga, ibyaha umuntu yihannye kandi akabireka nibyo byonyine bishobora guhanagurwa, cyangwa gukurwa mu gitabo cy'ubugingo. Gukurwaho ibyaha bigomba kuba mbere yuko duhabwa "ihemburwa" ariryo "mvura y'itumba".

"Umurimo ukomeye w'ubutumwa bwiza ntuzarangirana no kugaragaza imbaraga z'Imana nkeya ugereranyije n'uko wagaragajwe igihe watangiraga. Ubuhanuzi bwasohojwe mu isukwa ry'imvura y'umuhindo mu itangira ry'umurimo w'ubutumwa bwiza, buzongera gusohora ku iherezo ryabwo mu gihe cyo gusukwa kw'imvura y'itumba. Ibi nibyo bihe byo guhemburwa, Intumwa Petero yerekezagaho ubwo yavugaga ati: 'Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe ngo iminsi yo guhemburwa ibone uko iza ituruka ku Mwami Imana, itume mwoherezwa Yesu ari we Kristo wabatoranyirijwe kera.' "[6]

## KWITEGURA IMVURA Y'ITUMBA

Igihe imvura y'umuhindo yagwaga ku munsi wa Pentekote, abenshi mu bigishwa bari bateraniye ahantu hamwe, mu cyumba cyo hejuru. Mbese bakoragayo iki mu gihe cy'iminsi icumi? Bibiliya iratubwira iti:

"Abo bose hamwe n'abagore na Mariya nyina wa Yesu na bene se, bakomezaga gusengana umutima uhuye." (Ibyakozwe n'Intumwa 1:14).

"Iyi minsi yo kwitegura yari iyo kwisuzuma. Abigishwa basobanukiwe ubukene bwabo mu by'umwuka maze batakira Imana ngo bahabwe gusigwa kwera kwari kubashoboza gukora umurimo wo gukiza abantu. Ntibigeze bisabira imigisha yabo bwite ahubwo icyari kibaremereye ni uko abantu bakizwa."[7]

Ibyo byasohojwe mu Byakozwe n'Intumwa 2:1-4.

"Isezerano ryo guhabwa Umwuka Wera ntabwo ryahawe ab'igihe runaka cyangwa ubwoko runaka. Kristo yavuze ko imbaraga mvajuru y'Umwuka We yagombaga kubana n'abayoboke Be kugeza ku mperuka. Kuva ku munsi wa Pentekote kugeza ubu, umufasha yoherezejwe abantu bose biyeguriye Imana n'umurimo Wayo batizigamye."[8]

Nubwo muri iki gihe Umwuka Wera tumuhabwa ku rugero runaka, kugirango atwigishe kandi atuyobore mu kuri kose, imvura y'itumba yasezeranywe irakenewe kugirango umurimo w'Imana urangire, kugirango umurimo wo gutangaza ubutumwa bwiza bw'iteka ryose usohozwe. Kandi iri sezerano rizasohora:

"Hanyuma y'ibyo, nzasuka Umwuka wanjye ku bantu bose, abahungu banyu n'abakobwa banyu bazahanura, abakambwe banyu bazarota, n'abasore banyu bazerekwa. Ndetse n'abagaragu banjye n'abaja banjye nzabasukira ku Mwuka wanjye muri iyo minsi." (Yoweli 2:28,29).

Iyo dusomye ijambo "hanyuma y'ibyo" mu gitabo cya Yoweli dusobanukirwa ko mu minsi y'imperuka hari umurimo ugomba gusohozwa mbere yuko duhabwa Umwuka Wera ku rugero rurushijeho gukomera. Mu mirongo ibanziriza Yoweli 2, umuhanuzi agaragaza neza umurimo wagombaga gukorwa mbere y'imvura y'itumba:

"Muteranye abantu mweze iteraniro, muteranye abakuru n'abana n'abakiri ku ibere, umukwe nasohoke mu nzu ye, n'umugeni mu nzu yarongoreweho. Abatambyi bakorera Uwiteka nibaririre hagati y'umuryango w'urusengero n'igicaniro, maze bavuge bati " Uwiteka we, kiza ubwoko bwawe, ntureke ab'umwandu wawe bashinyagurirwa, kandi ngo bategekwe n'abanyamahanga. Ni iki gituma duhinyurwa mu banyamahanga, bati 'Imana yabo iri hehe?' " Maze Uwiteka agirira igihugu cye ishyaka, ababarira ubwoko bwe." (Yoweli 2:16-18).

Nta n'umwe uzahabwa "ihemburwa" cyangwa "imvura y'itumba" ibyaha bye nibiba bitarahanaguwe cyangwa ngo bikurweho. Ariko kandi, birababaje kuvuga ko hari abantu benshi biteze kuzabona uwo mugisha ukomeye [bakibereye] mu mibereho yabo y'icyaha, ntibihana cyangwa ngo bahinduke, biteze ko mu gihe cy'imvura y'itumba bazavugururwa. Ibya bene abo bantu biteye agahinda, nk'uko tubisoma mu magambo akurikira:

"Nabonye ko benshi birengagiza umwiteguro ukenewe cyane nyamara bakaba bari bategereje igihe "cy'ihemburwa" "n'imvura y'itumba" bibategurira kuba abantu bashyitse bazahagarara mu munsi w'Uwiteka kandi bakaba imbere ye. Mbega uko mu gihe cy'akaga nabonye abantu benshi badafite ubwihisho! Bari barasuzuguye imyiteguro yari ikenewe; kubw'ibyo ntibajyaga guhabwa ihemburwa abantu bose bagomba kuba bafite kugira ngo babe bakwiriye kuba mu maso y'Imana yera…. Nabonye ko nta muntu n'umwe wabashaga guha undi ihemburwa. Bazarihabwa gusa nibatsinda ibitero byose, bagatsinda ubwibone, kwikanyiza, gukunda iby'isi ndetse bagatsinda ijambo ribi ryose n'ibikorwa bibi byose."[9]

"Abakomeza gukererwa kwitegura umunsi w'Umwami, ntibazaba bagishobora kwitegura mu gihe cy'amakuba cyangwa mu gihe icyo aricyo cyose. Ibya bene abo bantu biteye agahinda!"[10]

"Umunsi ku wundi dukwiriye gushaka kumurikirwa n'Umwuka w'Imana, kugira ngo akore umurimo we mu mutima no mu mico. Mbega igihe twatakaje twita ku bintu bidafite agaciro! Mwihane kandi muhinduke, kugira ngo ibyaha byanyu bihanagurwe igihe cyo guhemburwa kibone uko kiza giturutse ku Mwami Imana."[11]

"Muri iki gihe, imiyoboro yanyu ikwiriye kubonezwa kugirango ibe yiteguye kwakira ikime kiva mu ijuru n'umurindi w'imvura y'itumba, kuko imvura

y'itumba izagwa ndetse umugisha w'Imana uzuzura mu bugingo bw'umuntu wese wejejweho guhumana kose. Muri iki gihe dufite inshingano yo kwegurira Kristo ubugingo bwacu, kugirango tube twiteguye igihe cy'ihemburwa rizaturuka ku Mwami Imana; tukaba dukwiriye guhabwa umubatizo w'Umwuka Wera."[12]

## IMVURA Y'ITUMBA IZASUKWA

"Mbere y'uko urubanza ruheruka rw'Imana rucirwa isi, mu bwoko bw'Imana hazabamo ububyutse bwo kubaha Imana k'umwimerere kutigeze kubaho uhereye mu bihe by'intumwa. Umwuka w'Imana n'imbaraga Ze bizasukwa ku bana Bayo."[13]

"Igihe abagize umubiri wa Kristo begereza igihe cy'urugamba ruheruka, ari cyo 'gihe cy'umubabaro wa Yakobo', bazakurira muri Kristo, kandi bazagabana ku Mwuka we ku rwego rukomeye. Igihe ubutumwa bwa marayika wa gatatu buzumvikana mu ijwi rirenga, kandi imbaraga ikomeye n'ubwiza bigaherekeza umurimo uheruka, ubwoko bw'Imana bukiranuka buzagabana kuri ubwo bwiza. Ni imvura y'itumba ibahembura kandi ikabaha imbaraga kugira ngo babashe kunyura mu gihe cy'amakuba. Mu maso habo hazarabagirana ubwiza bwa wa mucyo bwari buri kuri marayika wa gatatu."[14]

"Noneho munezerwe bantu b'i Siyoni mwe, mwishimire Uwiteka Imana yanyu kuko ibahaye imvura y'umuhindo ku rugero rukwiriye, kandi ibavubiye imvura; iy'umuhindo n'iy'itumba nk'ubwa mbere." (Yoweli 2:23).

"Imana iravuze iti: Uku ni ko bizaba mu minsi y'imperuka, nzasuka ku Mwuka wanjye ku bantu bose, kandi abahungu n'abakobwa banyu bazahanura, n'abasore banyu bazerekwa, n'abakambwe babarimo bazarota. ndetse n'abagaragu banjye n'abaja banjye muri iyo minsi, nzabasukira ku Mwuka wanjye bazahanura." (Ibyakozwe n'Intumwa 2:17,18).

"Mu itangira ry'igihe cy'amakuba twujujwe Umwuka Wera, ubwo twagendaga kandi tukamamaza Isabato tudakebakeba."[15]

" 'Itangira ry'igihe cy'amakuba' kivugwa aha ntabwo ryerekeza rwose ku gihe bya byago bizatangira gusukwa, ahubwo ryerekeza ku gihe gito cyane kizabaho mbere gato y'uko ibyo byago bisukwa, ubwo Yesu azaba ari mu buturo bwera. Icyo gihe, ubwo umurimo w'agakiza uzaba urangiye, ibihe by'amakuba bizaba ku isi, amahanga azarakara, ariko akomwe mu nkokora kugira ngo atabuza umurimo wa marayika wa gatatu gukorwa. Icyo gihe hazabaho "imvura y'itumba" cyangwa ihemburwa riturutse ku Mana kugira ngo rihe imbaraga ijwi rirenga rya marayika wa gatatu, kandi ritegurire abera gushikama igihe ibyago birindwi by'imperuka bizaba bisutswe."[16]

"Ubwoko bw'Imana buzaba busohoje umurimo wabwo. Buzaba bwarakiriye 'imvura y'itumba', ari byo 'guhemburwa guturutse ku Mwami Imana', kandi bwiteguye rwose guhangana n'ibigeragezo bibutegereje. Abamarayika bazaba banyuranamo bava mu ijuru abandi basubirayo. Marayika wari waratumwe mu isi azagaruka atangaza ko umurimo yari yarahawe awurangiye; ko ishungura riheruka ryamaze kugera ku isi, maze abagaragaje ko ari indahemuka ku mabwiriza y'ijuru bose bashyizweho 'ikimenyetso cy'Imana nzima.' Nuko Yesu arangize umurimo We wo gusabira abanyabyaha imbabazi mu buturo bwera bwo mu Ijuru."[17]

## IBYABABAYEHO MURI RUSANGE

Mu gihe twiga Ibyanditswe Byera bikubiyemo amasezerano ahebuje y'Imana yo kuduha Umwuka Wera mu buryo bwuzuye, twakagombye gusobanukirwa ko mu gihe cy'imvura y'umuhindo, imbaraga y'Umwuka Wera yahawe abantu bose bari "bahuje umutima mu mwanya umwe". Rero no mu gihe cy'imvura y'itumba, ubwoko bw'Imana bagomba kuba bameze batyo. Umurongo wo muri Bibiliya wo muri Zekariya uragira uti:

"Nimusabe Uwiteka imvura mu gihe cy'itumba, muyisabe Uwiteka urema imirabyo, na we azabavubira imvura y'umurindi, umuntu wese azamumereza ubwatsi mu rwuri rwe." (Zekariya 10:1).

Dusoma uyu murongo wa Bibiliya inshuro nyinshi, maze tugashimangira cyane amagambo agira ati: "Nimusabe Uwiteka imvura mu gihe cy'itumba" maze tukibagirwa umugabane uheruka w'uwo murongo uvuga ko Uwiteka azatuvubira imvura y'umurindi, umuntu wese akamumereza "ubwatsi mu rwuri rwe". Ayo magambo aheruka agaragaza ko umuntu wese uri mu murima (itorero), icyo gihe rikaba rigomba kuba ari itorero ritunganyijwe, azahabwa imvura y'itumba. Abantu birengagije kugira imyiteguro kugirango bahabwe umugisha w'imvura y'itumba, ntibazaba bari muri bo. Bazakurwa mu bagize ubwoko bw'Imana bwasigaye binyuze mu ishungura rikomeye. Ijambo ryahumetswe ribisobanura mu buryo bwumvikana neza:

"Imana iri kugosora ubwoko Bwayo. Izagira itorero ritunganye kandi ryera. Ntidushobora gusoma ibiri mu mutima w'umuntu. Ariko Umwami Imana yatanze uburyo bwo kurinda itorero Rye ngo ribe ryera."[18]

"Bamwe bari bashunguwe maze basigara ku nzira. Abari ba ntibindeba kandi bataragiraga icyo bitaho, ba bandi batigeze bifatanya n'ababonaga ko intsinzi n'agakiza ari iby'igiciro cyinshi bagakomeza kwinginga kandi batakamba kubwa byo, bene abo ntibigeze babibona, ahubwo basigaye mu mwijima maze imyanya yabo ihita igibwamo n'abandi bakiriye ukuri bakaza mu itsinda." [19]

## KUGARUKA KWA YESU

"Kuko ubuntu bw'Imana buzanira abantu bose agakiza bwabonetse, butwigisha kureka kutubaha Imana n'irari ry'iby'isi, bukatwigisha kujya twirinda, dukiranuka, twubaha Imana mu gihe cya none dutegereje ibyiringiro by'umugisha, ari byo kuzaboneka k'ubwiza bwa Yesu Kristo, ari we Mana yacu ikomeye n'Umukiza." (Tito 2:11-13).

"Igihe imico ya Kristo izaba igaragarira mu bwoko Bwe mu buryo bushyitse, nibwo azaza kubatwara avuga ko ari abe. Ni amahirwe kuri buri Mukristo, kudategereza gusa; ahubwo akanatebutsa kugaruka k'Umwami wacu."[20]

"Ubwo ni bwo ikimenyetso cy'Umwana w'umuntu kizabonekera mu ijuru, n'amoko yose yo mu isi ni bwo azaboroga abonye Umwana w'umuntu aje ku bicu byo mu ijuru, afite ubushobozi n'ubwiza bwinshi. Azatumisha abamarayika be ijwi rirenga ry'impanda, bateranye intore ze mu birere bine, uhereye impera y'ijuru ukageza iyindi mpera yaryo." (Matayo 24:30,31).

"Umwana w'umuntu ubwo azazana n'abamarayika bose afite ubwiza bwe, ni bwo azicara ku ntebe y'ubwiza bwe. Amahanga yose azateranirizwa imbere ye, abarobanure nk'uko umwungeri arobanura intama mu ihene, intama azazishyira iburyo bwe, naho ihene azishyire

ibumoso. Umwami azabwira abari iburyo bwe ati 'Nimuze mwebwe abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabatunganirijwe uhereye ku kuremwa kw'isi." (Matayo 25:31-34).

## UMWANZURO

Mu gihe dusoma ibyerekeye imibereho y'abigishwa ba mbere mu ntangiriro y'igihe cya Gikristo ubwo bahabwaga imvura y'umuhindo, dushobora kubona ko abantu bari bibereye mu cyumba cyo hejuru bose babatirishijwe Umwuka Wera. Nyuma yaho, abandi bizera b'itorero bamuhawe buri wese ku giti cye.

Mbese ibyo bishobora kubaho no muri iki gihe? Imvura y'itumba ivugwa, kandi twagiye dusenga kenshi cyane tuyisaba, nk'ikintu kizabaho mu gihe kizaza. None se izasohozwa ryari? Mbese ni ikosa ry'Umwami Imana kuba dutinda guhabwa uyu mugisha ukomeye? Bibiliya iratubwira iti: "None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi, So wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Umwuka Wera abamumusabye?" (Luka 11:13).

Mu gihe cy'ibyumweru bike, abahagarariye itorero ry'Imana ryasigaye bazateranira hamwe. Mbese Umwuka Wera azasukirwa abantu bazaba bahagarariye abandi mu Ihuriro ry'Inteko Nkuru Rusange izaterana mu mwaka wa 2025? Mbese isezerano ry'agahebuzo ry'imvura y'itumba rishobora gusohozwa icyo gihe? Bene data nshuti nkunda, nimutyo twitegure kwakira uyu mugisha ukomeye. Uwiteka azafasha abantu bose bafite iki cyifuzo cyo kubatirishwa Umwuka Wera. Umwuka w'Ubuhanuzi utugira inama ugira uti:

"Abamarayika b'Imana bari kwitegereza gukura kw'imico kandi bagapima ngo barebe ko imico ikwiriye. Igihe cyo kwemererwamo kirenda kurangira kandi ntabwo mwiteguye. Icyampa ijambo ry'umuburo rikagurumana mu bugingo bwanyu! Nimwitegure! Nimwitegure!"[21]

Nk'umwe mu bakozi bagenzi banyu, ndifuza guhamagarira buri wese uzajya mu Ihuriro ry'Inteko Nkuru Rusange rizaba mu mwaka wa 2025, ahagarariye abandi: Ndabinginze, muzajye muri iyo nama mwumva ko ntacyo muri cyo, mwiyambure ibitekerezo byose byo kumva ko hari icyo mwishoboreye, mugire imyiteguro ihamye, kandi mubane amahoro n'Imana n'abantu, mugire umutimanama utabacira urubanza, kugirango mube mwiteguye kubatirishwa Umwuka Wera. Ni nde uzi niba iryo sezerano ritegerejwe rizasohozwa? Kandi natwe twese bavandimwe, tutari muri abo ngabo bazaduhagararira, tugomba gusuzuma imibereho yacu, tukatura ibyaha byacu; kandi ibyo twacumuye ku Mana tukabyatura kuri Yo n'ibyo twacumuye kuri bagenzi bacu tukabyatura kuri bo, maze tugasaba imbabazi, kugirango ibyaha byacu bishobore guhanagurwa, kandi dusengane umwete kugirango inama izagere ku ntego, bityo Uwiteka ahe abagaragu Be imigisha ikomeye nk'imvura y'umurindi. Umwuka w'Ubuhanuzi uduha inama igira iti:

"Mureke Abakristo bitandukanye n'impaka zabo, maze biyegurire Imana mu gukiza inzimizi. Nibasabe umugisha bafite kwizera, kuko bazawuhabwa. Ugusukwa k'Umwuka Wera mu gihe cy'intumwa kwari "imvura y'umuhindo" kandi umusaruro wako wari ushimishije. Ariko "imvura y'itumba" izarushaho kuba nyinshi."[22]

"Uyu munsi mukwiriye kwiyegurira Imana ubwanyu, mukwiriye kwiyambura inarijye, irari, ishyari, ifuhe, gukeka ibibi ku bandi, ikintu cyose gisuzuguza Imana. Uyu munsi mukwiriye kugira igikoresho cyanyu gitunganye kandi cyiteguye kwakira ikime kiva mu ijuru, cyiteguriwe imigisha y'imvura y'itumba; kuko imvura y'itumba izaza, kandi umugisha w'Imana uzuzura umutima wose udafite inenge iyo ari yo yose. Ni umurimo wacu uyu munsi kwegurira imitima yacu Kristo, kugira ngo tube twiteguye igihe cy'ihemburwa kiza gituruka ku bwiza bw'Uwiteka — dukwiriye guhabwa umubatizo w'Umwuka Wera."[23]

Amena! ℛ

### AHO BIBONEKA:

[1]*Ibihamya ku Bagabura*, p. 506.
[2]*Intambara Ikomeye*, p. 611.
[3]*Kugana Yesu*, p. 41.
[4]*Ibid.*, p. 57.
[5]*Ibid.*, p. 59.
[6]*Intambara Ikomeye*, pp. 611, 612. [Ingeri yo mu mwaka wa 1888] [Amagambo ari mu dukubo ari mu mwimerere.]
[7]*Ibyakozwe n'Intumwa*, p. 37.
[8]*Ibid.*, p. 49.
[9]*Inyandiko z'Ibanze*, p. 71.
[10]*Intambara Ikomeye*, p. 620.
[11]*Muzahabwa Imbaraga*, p. 319.
[12]*Urwibutso n'Integuza*, kuwa 22 Werurwe 1892.
[13]*Intambara Ikomeye*, p. 464.
[14]*Urwibutso n'Integuza*, kuwa 27 Gicurasi 1862.
[15]*Inyandiko z'Ibanze*, p. 33.
[16]*Ibid.*, pp. 85, 86.
[17]*Intambara Ikomeye*, p. 613.
[18]*Ibihamya by'Itorero*, vol. 1, p. 99.
[19]*Inyandiko z'Ibanze*, p. 271.
[20]*Maranata*, p. 112.
[21]*Ibihamya by'Itorero*, vol. 2, p. 401.
[22]*Uwifuzwa Ibihe Byose*, p. 827.
[23]*Ubuntu bw'Imana Butangaje*, p. 205.



Ku Isabato, 14 Ukuboza 2024

# KUGARUKA KWA YESU KRISTO

BYATEGUWE NA MARCELO PONCE – WO MU BUDAGE

Dutegereje ibyiringiro by'umugisha, ari byo kuzaboneka k'ubwiza bwa Yesu Kristo, ari we Mana yacu ikomeye n'Umukiza." (Tito 2:13).


"Umugabane umwe w'ukuri kw'ingenzi kandi kunejeje bihebuje kwahishuwe na Bibiliya, ni ukuvuga ibyo kugaruka kwa Kristo aje gusoza umurimo ukomeye wo gucungura umuntu. Ubwoko bw'Imana bwabaye mu rugendo, bukamara igihe butuye mu "gihugu cy'urupfu no mu gicucu cyarwo," bafite ibyiringiro bishyitse kandi bitera umunezero bakura mu isezerano ryo kugaruka kwa Kristo, we "kuzuka n'ubugingo," ubwo azaba aje "kugarura imuhira abe bagizwe ibicibwa." Inyigisho yo kugaruka kwa Kristo ni yo pfundo ry'Ibyanditswe Byera."[1]

Igihe nitabiraga ubwa mbere amateraniro yo mu rusengero rwacu ndi kumwe n'umuryango wanjye, nari umwana w'imyaka cumi n'umwe y'ubukuru. Aho niho natangiriye kumva ku nshuro ya mbere ubutumwa bw'agahebuzo buvuga iby'ukuza kwa Yesu Kristo ku isi; ndetse n'ibintu bikomeye byahishuriwe mu buhanuzi bwasohoye uko bwakabaye kandi mu gihe cyahanuwe na bwo, ni igihamya cy'uko tuzashobora kubona ibyo bintu mu gihe gito.

## ISEZERANO RYE

Mbere gato yuko Yesu ajya i Getsemani gusenga ku ncuro ya nyuma, yatangarije abigishwa Be ko yari agiye kubasiga, kubera ko umurimo We wo ku isi wari ugiye kurangira, kandi ko yari agiye gusubira aho bo batari gushobora kujyana na We. Abonye ukuntu abigishwa Be bari bafite agahinda n'uko wenda bari bihebye, Yesu yarababwiye ati: "Ntimuhagarike imitima yanyu" (Yohana 14:1). Ayo magambo yabahaye ibyiringiro, kandi kimwe nka bo, Yesu yifuza guha buri mwizera icyizere cyo kumenya ko asobanukiwe imimerere yose y'ubuzima kandi ko afite ibintu byose ubugingo bukeneye kugirango agire amahoro. Nuko arababwira ati: "Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi: iyaba adahari mba mbabwiye, kuko ngiye kubategurira ahanyu" (Yohana 14:2).

Ayo mazu agereranya urugo, kandi mu rugo ni ahantu twese muri rusange tubonera umutekano, amahoro n'ibyishimo. Iryo sezerano ryakagombye kutubera ikiturema umutima kuri buri wese muri twe; tuzagera imuhira aho na none "Isega n'umwana w'intama bizarishanya, intare zizarisha ubwatsi nk'inka" (Yesaya 65:25). Urwo rugo ruzaba kure y'ibintu byose bidutera aga-



hinda n'umutekano muke muri iki gihe, aho "Imana izahanagura amarira yose ku maso yabo kandi urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa ntibizabaho ukundi" (Ibyahishuwe 21:4).

Ariko isezerano ryakurikiyeho ryari rikomeye nk'irya mbere: "Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane iwanjye, ngo aho ndi namwe muzabeyo." (Yohana 14:3). Amagambo ngo "nzagaruka" niyo yari umuti womora abigishwa bari bakeneye muri icyo gihe. Ntibari bazi ikigeragezo cyari kibategereje, ariko uhereye icyo gihe, iryo sezerano ryari kuba ipfundo ry'ibyo bahozaho ibitekerezo byabo n'ibibatera umwete kugirango bajye kubwiriza ibyo kugaruka Kwe, no guharanira kumenyekanisha Yesu Kristo mu mahanga yose, imiryango yose, indimi zose n'amoko yose.

## KUZAMURWA MU IJURU KWE NO KUGARUKA KWE

Nyuma y'iminsi mirongo ine azutse, Yesu yajyanye abigishwa Be ku musozi wa Elayono, hafi y'i Betaniya, imbere y'umurwa wa Yerusalemu, aho bari baramwanze bakamucira ho iteka ryo gupfa. Icyo cyari igihe cyo gusezera no gutanga amabwiriza aheruka kuri iryo tsinda ry'abagabo n'abagore bagereranyaga intama zazimiye zari zimaze kuboneka. Amagambo ya Yesu ntiyari amagambo yo kubatonganya kubera amakosa yabo cyangwa gutentebuka kwabo, ahubwo yari amagambo agaragaza ukugira neza kwimbitse n'impuhwe.

"Akirambuye ibiganza mu kubaha umugisha, ndetse ameze nk'urimo abasezeranira ubwishingizi bwo kubarinda, yavuye hagati yabo buhoro buhoro, imbaraga iruta cyane rukuruzi zose z'isi iramuzamura yerekeza mu ijuru. Ubwo yazamukaga, abigishwa batumbiriye bwa nyuma Umwami wabo wari ubakuwemo bahinda umushyitsi. Igicu cy'ubwiza kiramubakingiriza; maze ubwo igare ry'igicu cy'abamarayika bamwakiraga, abigishwa bongeye kumva aya magambo ngo, "Dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi." Muri ako kanya bumva indirimbo nziza cyane y'umunezero yaririmbwaga n'abamarayika."[2]

Muri ako kanya abamarayika babiri b'abanyembaraga mu ishusho y'abantu, babitewe n'impuhwe n'urukundo bari bafitiye abo bigishwa barebaga mu ijuru, barabegereye barababaza bati: "Yemwe bagabo b'i Galilaya, ni iki gitumye muhagaze mureba mu ijuru? Yesu ubakuwemo akazamurwa mu ijuru, azaza atyo nk'uko mumubonye ajya mu ijuru." (Ibyakozwe n'Intumwa 1:11). Ubwo nibwo butumwa bw'ibyiringiro Yesu yari yarababwiye kera cyane mbere y'aho: "Umwana w'umuntu ubwo azazana n'abamarayika bose afite ubwiza bwe, nibwo azicara ku ntebe y'ubwiza bwe." (Matayo 25:31). Ibyo nibyo byahishuriwe Yohana ubwo yari ku kirwa cya Patimo. "Dore arazana n'ibicu kandi amaso yose azamureba, ndetse n'abamucumise na bo bazamureba, kandi amoko yose yo mu isi azamuborogera. Na none, Amen." (Ibyahishuwe 1:7). Abamarayika babijeje ko uwo Yesu babonye azamuka ajya mu ijuru, yari kuzagaruka nkuko yari agiye. Rwose ko azagaruka aziye ku bicu, kandi amaso yose azamureba.

## IBIMENYETSO BYO KUGARUKA KWE

Gusobanukirwa byinshi ku byerekeranye n'igihe cy'imperuka nicyo kintu cyakuruye intekerezo z'abigishwa; kandi natwe kigomba kudukurura. Basanze Yesu biherereye baramubaza bati: "Tubwire, ibyo bizaba ryari, n'ikimenyetso cyo kuza kwawe n'icy'imperuka y'isi ni ikihe?" Matayo 24:3.

Iyo turi ahantu, aho ikoranabuhanga ryarushijeho gutera imbere cyane kandi tukagenda dukoresheje uburyo bugezweho bwo gutwara abantu n'ibintu, twita cyane ku bimenyetso tugenda duhabwa n'ibikoresho by'ikoranabuhanga biri mu kirere (satelite) cyangwa ibyo mu rwego rw'isi yose (GPS), bigaragaza intera y'urugendo dusigaje kugirango tugere aho tujya cyangwa niba hari ibyo twahindura ku nzira twahisemo. Ibyapa biri hafi y'imihanda nabyo biradufasha. Ubuhanuzi bwo muri Bibiliya bumeze nk'imashini idufasha kumenya aho turi (GPS) kugirango dushobore kwitegura kandi tuyoborwe neza aho turi kujya.

## IGISHUKO

"Yesu arabasubiza ati, Mwirinde hatagira umuntu ubayobya, kuko benshi bazaza biyita izina ryanjye bati 'Ni jye Kristo', bazayobya benshi." (Matayo 24:4,5). Kubera iki Yesu yavuze ko icyo aricyo kimenyetso cya mbere kizabanziriza imperuka? Igisubizo gitangwa n'intumwa Petero: "Mwirinde ibisindisha mube maso, kuko umurezi wanyu Satani azerera nk'intare yivuga ashaka uwo aconshomera." (1Petero 5:8). Bene data na bashiki banjye nkunda, Satani na we azi ubuhanuzi bwo muri Bibiliya kandi azi ko kugaruka kwa Kristo kuzakuraho ubutegetsi bwe bw'iterabwoba. Niyo mpamvu akoresha amayeri n'uburiganya bwinshi; ameze nk'intare yitegereza umuhigo wayo mbere yo kuwufata, afata inyigisho z'ibinyoma akazivanga n'ukuri guke kugirango atume abizera bagwa mu mitego ye. Gukwirakwira kw'idini rya Isilamu, irya Buda, iry'Abashidikanya ko Imana ibaho, n'andi madini y'abahanga mu by'ubucurabwenge, hirya no hino ku isi, byahinduye uko abantu babonaga imico y'Imana nyakuri yonyine, ariyo Muremyi w'ijuru n'isi, kandi bituma abantu batabona isōko nyakuri y'ubumenyi; ariyo Bibiliya.

Umutekano wacu wonyine rukumbi ushingiye ku kwiga Ibyanditswe Byera tukabikora dusengana umwete kandi twiyegurira Imana. Nicyo kintu cyonyine gishobora kuturinda ubuyobe. Nitubigenza

dutyo, nta gushidikanya ko tuzashobora kuvuga duti: "Nimusange amategeko y'Imana n'ibiyihamya. Nibatavuga ibihwanye n'iryo jambo nta museke uzabatambikira." Yesaya 8:20. Nitubisoma kenshi, tuzashobora guhunika mu bwenge bwacu ubutunzi bwonyine buzatuma duhamya duti: "Handitswe Ngo". Ariko hari umuburo: bitewe n'amajyambere y'ikoranabuhanga, biragenda birushaho kuba ibisanzwe kubona ko abizera baretse gusoma Bibiliya zisanzwe zanditse ku mpapuro. Ku ruhande rumwe, byaratworoheje guhora twitwaza ibitabo byuzuye, ibyigisho, ibitabo by'indirimbo n'ibindi dukoresheje ibikoresho byacu by'ikorabuhanga. Ariko ku rundi ruhande, mu gihe tubonye ikimenyetso gito cyane cy'ubutumwa butugeraho, cyangwa mu gihe dutengushywe n'akantu gato, duhita tureka kwiga kandi ibitekerezo byacu bihita byerekeza vuba na bwangu ku bindi bintu akenshi usanga ntaho bihuriye n'uwo mwanya [twari turimo]. Akoresheje ubwo buryo, incuro nyinshi Satani yagiye ashobora gutuma abizera bareka kwiga ukuri.

## INTAMBARA, IBYOREZO, INZARA N'IMITINGITO

Yesu yaburiye abigishwa Be ati: "Muzumva iby'intambara n'impuha z'intambara, mwirinde mudahagarika imitima kuko bitazabura kubaho, ariko imperuka izaba itaraza. Ishyanga rizatera irindi shyanga, n'ubwami buzatera ubundi bwami, hazabaho inzara n'ibishyitsi hamwe na hamwe." (Matayo 24:6,7). Mu myaka ya vuba aha, twagiye twibonera ihinduka rikomeye ryabaye mu mahanga. Mu gihe abantu bose muri iki gihe barimo bashakisha amahoro, intambara zikomeye zarashojwe zihitana abantu babarirwa mu bihumbi hirya no hino ku isi. Impunzi zibarirwa mu bihumbi zahungiye mu bihugu bitandukanye kubera intambara n'imvururu za politiki, zatangiye kujya mu byerekezo bitandukanye bituma habaho ibibazo bikomeye by'abantu, aho usanga imibabaro n'inzara ari byinshi. Nubwo hari ibyo bintu biteye ubwoba, ingengo y'imari y'ibihugu bikomeye ikoreshwa mu kugura intwaro n'amasasu kugirango intambara zikomeze.

Ku rundi ruhande, mu gihe mu bihugu bimwe na bimwe hari ibyo kurya byinshi, hari abantu barwara bitewe n'ibyo kurya byo mu buryo bwihuse cyangwa ibyo kurya bidakwiriye barya, kandi aho buri munsi amatoni abarirwa mu bihumbi y'ibyo kurya ashyirwa mu myanda, hari n'ahandi hantu abantu babarirwa mu bihumbi bicwa n'inzara. Biragoye kubyemera muri iki kinyejana cya 21, aho ikoranabuhanga ryagiye ritera imbere cyane, n'ukuntu ibintu bishobora gutwarwa mu buryo bworoshye kandi bwihuse. Hari ahantu abantu bapfa bazize indwara ziterwa no kubura amazi yo kunywa cyangwa kubera intege nke ziterwa no kubura icyo kurya. Ibīza byabaye mu myaka ya vuba aha, nabyo biri mu bimenyetso Yesu yerekejeho. Nk'uko amapfa yica ibinyabuzima mu turere tumwe na tumwe tw'isi, ni nako imyuzure itewe n'imvura nyinshi cyane kandi idasanzwe cyangwa inkubi z'imiyaga ikaze na serwakira, byangiza ibintu kandi bigahitana abantu babarirwa mu bihumbi. Mu myaka ya vuba aha, imitingito ikaze yabaye ahantu hatandukanye, kandi ntiyongereye ingufu gusa, ahubwo yanongereye umubare munini w'abicwa nayo.

"Mbega uko duhora twumva imitingito y'isi n'imiyaga ikomeye cyane, tukumva ibyo kurimbuka guturutse ku muriro no ku myuzure ahatikirira abantu benshi ndetse n'ibintu! Uko bigaragara ayo makuba ni ukwigaragambya gutunguranye kw'imbaraga zo mu byaremwe zavuye ku murongo, zitagengwa n'umuntu na mba; ariko muri ibyo byose ushobora kubonamo umugambi w'Imana. Ibyo ni bimwe mu bikoresho ikoresha ishaka gukangura abagabo n'abagore kugira ngo bamenye akaga barimo."3 Abahanga mu bya siyansi n'abacurabwenge bashakisha ubusobanuro bw'ibyo bintu n'uburyo bwo kubyirinda, bageze ku mwanzuro w'uko ibintu byose ari ingaruka z'ihinduka ry'ikirere, kandi ko ibyo aribyo bituma ibyaremwe bikora muri ubwo buryo. Na none ubwo rero, ibitekerezo by'abantu byabujije amatwi y'abantu kumva impamvu nyakuri y'ibyo bintu. Ni iby'ukuri ko ibyaremwe bibangamirwa n'ibikorwa bibi by'abantu, ariko ntitugomba kwirengagiza ko ibyo na byo ari ibimenyetso Yesu yerekezagaho. Na none kandi, ntidukwiriye kwirengagiza ingaruka zizagera ku bantu barimbura isi: "Amahanga yararakaye nuko umujinya wawe uraza, igihe cyo guciriramo abapfuye iteka kirasohora, n'icyo kugororereramo abagaragu b'imbata bawe ari ni bo bahanuzi, no kugororera abera n'abubaha izina ryawe, aboroheje n'abakomeye, kandi n'igihe cyo kurimburiramo abarimbura isi." (Ibyahishuwe 11:18). Umurimo ukomeye w'irema urimo urarimburwa, kandi abafite uruhare mu kuwangiza bazahanwa.

Mbese ibyo bintu nibyo bimenyetso Yesu yabwiye abigishwa Be ko byari kubafasha kumenya uburyo bwo gutandukanya ibihe? Ni byo rwose. Nk'uko abigishwa babibajije, ni ryari imperuka y'iyi si izaba? Ntidushobora kugena itariki, dushobora gusa gusobanura ibimenyetso no gusobanukirwa ko isi yacu n'abayituye bisigaje igihe gito. "Ariko uwo munsi n'icyo gihe nta wubizi, naho baba abamarayika bo mu ijuru cyangwa Umwana, keretse Data wenyine." (Matayo 24:36).

## AMATEKA YISUBIRAMO

Yesu yagaragaje ko igihe cy'imperuka cyari kuzaba kimeze nk'igihe cyabanjirije umwuzure. "Uko iminsi ya Nowa yari iri, no kuza k'Umwana w'umuntu ni ko kuzaba, kuko nk'uko bari bameze muri iyo minsi yabanjirije umwuzure, bararyaga, baranywaga, barongoraga, barashyingiraga, bageza umunsi Nowa yinjiriye mu nkuge, ntibabimenya kugeza aho umwuzure waziye ukabatwara bose. Ni ko no kuza k'Umwana w'umuntu kuzaba." (Matayo 24:37-39).

Kurya, kunywa, cyangwa gushyingiranwa si ibintu binyuranyije n'amategeko. Igituma biba ibizira ku Mana, ni igihe abantu babikabije bikarenza urugero. Indwara zikomeje kuba rusange muri iki gihe ahanini zituruka ku mirire mibi, akamenyero ko kunywa cyane, ubuzima bwo kuba ahantu hamwe, no gukoresha ibintu byangiza ubuzima. Kumara igihe kirekire ahantu hari imyanda y'uburozi nk'umwuka wanduye uhumekwa n'abantu batuye mu mijyi minini cyangwa gukoresha itabi n'ibiyobyabwenge; ntibyateje indwara nyinshi gusa, ahubwo byateje n'impinduka mu miterere y'umubiri w'umuntu ituma abantu barwara indwara zo kwangirika k'ubudahangarwa bw'umubiri. Inkuru y'ibyabaye i Sodomu n'i Gomora, kimwe n'ibyabaye ku Bisirayeli igihe bari i Shitimu ku rugabano rw'igihugu cy'isezerano, ni umuburo wanditswe kugirango utwigishe ko irari n'iruba by'ubusambanyi bidafite rutangira bishobora gutuma abantu bakora ibizira n'ibikorwa by'urukozasoni imbere y'Imana kurusha ibindi byose dushobora kwiyumvisha. "Mu bihe byagiye bikurikirana, habayeho abantu badafite imico ishikamye bagiye banyerera

ku bitare byo kunezeza irari. Ubwo twegereza iherezo ry'igihe, ubwo ubwoko bw'Imana buhagaze ku ngabano za Kanani yo mu ijuru, nk'uko yabigenje kera, Satani azakuba kabiri umuhati we kugira ngo abuze ubwoko bw'Imana kwinjira mu gihugu cyiza cyane. Imitego ye ayitega umuntu wese. Ntabwo abatarize n'abatarateye imbere mu muco ari bo bakeneye kurindwa gusa. Azategura ibishuko bye abitege abari mu myanya yo hejuru, bafite inshingano zikomeye kurusha abandi. Aramutse atumye banduza ubugingo bwabo, yabakoresha maze akarimbura benshi. Muri iki gihe akoresha abakozi nk'abo yakoresheje mu myaka isaga ibihumbi bitatu ishize. Yoshya abantu kwica itegeko rya karindwi akoresheje incuti z'isi, imbaraga ikurura y'uburanga, gushaka kwinezeza, kuvuyarara, ibirori cyangwa inzoga."[4]

## GUTEBUTSA KUGARUKA KWE

"Ni amahirwe kuri buri Mukristo, kudategereza gusa; ahubwo akanatebutsa kugaruka k'Umwami wacu Yesu Kristo (2Petero 3:12). Iyaba abavuga izina Rye bose beraga imbuto zimuhesha icyubahiro, mbega uburyo isi yose yabibwamo imbuto z'ubutumwa bwiza mu kanya gato! Umusaruro ukomeye uheruka wakwera maze Kristo akaza guhunika impeke z'agaciro kenshi."[5]

Ni amahirwe yacu kuvuga ibyerekeye ibyiringiro by'umugisha aribyo kugaruka kwa Yesu Kristo. Ni amahirwe yacu kandi, gukora umurimo w'ivugurura nk'uwo Yohana Umubatiza yakoze kugirango ategure inzira kuza kwa mbere k'Umwami Yesu. "Ingingo ikomeye y'ivugurura mu by'imirire igomba kwigishwa ikagibwaho impaka, maze intekerezo z'abantu zigakorwaho. Kwirinda muri byose bigomba kuba isanga n'ingoyi n'ubutumwa, kugirango abantu b'Imana bakurwe mu bigirwamana byabo, mu mururumba, ubusambo n'inda nini, no kwaya mu myambarire ndetse n'ibindi bintu."[6]

Iki ni igihe cyo kugira impinduka mu mibereho yacu, igihe ukumvira amategeko y'Imana bigaragaza ko tuyikunda by'ukuri. Nta gihe cyo gupfusha ubusa. Tugomba gufunga amarembo y'ibintu byose bitagaragaza imico y'abantu bitegura kwimurirwa mu mazu yo mu ijuru. Imirimo yacu igomba gushimangira ko "iwacu ari mu ijuru, aho dutegereje Umukiza ko azava ariwe Mwami Yesu Kristo." (Abafilipi 3:20).

"Umwami Imana ntitinza isezerano ryayo, nk'uko bamwe batekereza yuko iritinza. Ahubwo itwihanganira idashaka ko hagira n'umwe urimbuka, ahubwo ishaka ko bose bihana." (2Petero 3:9). Intego imwe rukumbi y'igihe cy'imbabazi twishimira muri iki gihe, ni ukugirango tugikoreshe mu kwiyegurira Imana no kwitegura umunsi ukomeye wo kugaruka kwa Kristo. Buri munsi uhita, uba ari umunsi umwe uvuyeho mu kwegereza imperuka. Niba Yesu ataragaruka ni uko gusa akiduhaye igihe kugirango twese dushobore kwihana by'ukuri kandi tugire uguhinduka kwimbitse, nyakuri mu mibereho yacu.

Twacunguwe n'amaraso y'igiciro cyinshi ya Kristo, Umwana w'Intama utagira inenge cyangwa ibara (1Petero 1:18,19) kugirango tugere muri ayo mazu ahari "Ibyo ijisho ritigeze kureba, n'ibyo ugutwi kutigeze kumva, ibitigeze kwinjira mu mutima w'umuntu, ibyo byose Imana yabyiteguriye abayikunda." 1Abakorinto 2:9. Ntitukemere ko ibintu bitwireherezaho iyi si iduha, ibirori n'imigenzo byayo, imideli cyangwa imitako bidakenewe, ibyo kurya cyangwa ibinyobwa bidahesha ubuzima bwiza, cyangwa gukunda amafaranga n'imitungo y'isi, bidutandukanya n'ubutumwa bw'agaciro kenshi buvuga ko Umwami Yesu ari hafi kugaruka kandi ko iki ari cyo gihe cyo kwitegura!

## UMWANZURO

Ubuntu bw'Imana bwonyine nibwo bushobora kudufasha kwitegura kugaruka kwa Kristo. Umurimo w'Umwuka Wera wonyine niwo ushobora kutwemeza ko tugomba kwihana no guhinduka. Isengesho ryacu rya buri munsi niribe ngo "ubwami bwawe buze". Ibyiringiro by'umugisha nibibe nk'itara rimurikira urugendo rwacu muri iyi si icuze umwijima yuzuye ibibi n'imibabaro. Umugambi wacu ube gukomeza gukurikira intego, tugere ku gihembo cy'umuhamagaro uhanitse (Abafilipi 3:14) kugirango buri munsi no muri buri gikorwa cyose tugaragaze Yesu. Idini riboneye kandi ritanduye (Yakobo 1:27) niribe imbuto ya Kristo muri twe.

"Igihe imico ya Kristo izaba igaragarira mu bwoko Bwe mu buryo bushyitse, nibwo azaza kubatwara avuga ko abe."[7] Maranata, Umwami Yesu naze! Yaravuze ati: "Yee, ndaza vuba. Amen, ngwino Mwami Yesu." (Ibyahishuwe 22:20). Amen. ℛ

### AHO BIBONEKA:

[1]*Intambara Ikomeye*, p.299.
[2]*Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.830,831.
[3]*Abahanuzi n'Abami*, p.277.
[4]*Abakurambere n'Abahanuzi*, p.457,458.
[5]*Imigani ya Kristo*, p.69.
[6]*Ibihamya by'Itorero*, vol 3, p.62.
[7]*Imigani ya Kristo*, p.69.



Kuwa Mbere, 15 Ukuboza 2024

# UBWAMI BW’UBWIZA

BYATEGUWE NA ROMULO BORGES – WO MURI BRAZIL

Mu gihe turangiza iki Cyumweru cyo Gusenga, ni nk’aho turimo turangiza urugendo rwuzuye amabanga n’ibyavumbuwe. Ibyanditswe Byera byatubereye nka dira [ndangacyerekezo] bituyobora kuva ku ihishurwa rimwe bijya ku rindi. Dushingiye ku magambo yo mu Byakozwe n’Intumwa 3:19 na 20, twasuzumye ingingo z’ingenzi, nko kwihana, guhinduka, guhanagurwaho ibyaha, igihe cy’ihemburwa, no kugaruka kwa Yesu. Noneho muri aya materaniro aheruka, turareba mu buryo bwimbitse ibyerekeranye “n’Ubwami bw’Ubwiza”.

Ubwo bwami si ubusanzwe, bugengwa n’imipaka y’isi cyangwa igihe cy’abantu, ni ubwami buhoraho, bugari kandi bukomeye nk’isanzure ry’ikirere ubwacyo, bushingiye ku butabera budakebakeba bw’Umwami wacu Yesu Kristo. Nk’uko itabaza ryo mu nzu rigumya kwaka mu bihe by’ibigeragezo n’imiraba, ubu bwami busobanurwa muri Daniyeli 2:44 “Nuko ku ngoma z’abo bami, Imana yo mu ijuru izimika ubundi bwami butazarimbuka iteka ryose, kandi ubutware bwabwo ntibuzazungurwa n’irindi shyanga, ahubwo buzamenagura ubwo bwami bwose bukabutsembaho kandi buzahoraho iteka ryose.” Kubw’ibyo rero, ndabararikira gusesengurira hamwe amasezerano ahoraho y’ubwo bwami bw’icyubahiro.

## UBWAMI BW’UBUNTU N’UBWAMI BW’UBWIZA

Ibyanditswe Byera byibanda ku kugaragaza ubwami bw’Imana mu byiciro bibiri bitandukanye:

(1) Ubwami bw’ubuntu
(2) Ubwami bw’ubwiza

Icyubahiro ntigishobora kubaho hatabanje kubaho ukwigaragaza k’ubuntu, kubw’ibyo rero, ni ngombwa kubanza kwinjira mu bwami bw’ubuntu kugirango umuntu yinjire mu bwami bw’ubwiza.

Igihe Yesu yatangiraga umurimo We i Galilaya, yatangaje ko ubwami bw’Imana bugeze muri aya magambo: “Igihe kirasohoye, ubwami bw’Imana buri hafi. Nuko mwihane, mwemere ubutumwa bwiza.” (Mariko 1:!4,15).

“Ubwo Yesu yagendagendaga muri Galilaya yigisha kandi akiza indwara, abantu benshi bamukoraniragaho baturutse mu mijyi no mu byaro. Yemwe benshi banaturukaga i Yudeya no mu ntara zihakikije. Kenshi byabaga ngombwa ko yihisha abantu. Akanyamuneza kabaga ari kenshi cyane ku buryo byabaye ngombwa ko bafata ingamba zo kwigengesera kugira ngo abategetsi b’Abaroma batazakangurwa no gutinya ko babigomekaho. Ntabwo mbere yaho isi yari yarigeze na mba igira ibihe nk’ibyo. Ijuru ryari ryaragendereye abantu. Imitima ifite inzara n’inyota yari imaze igihe kirekire itegereje gucungurwa kwa Isirayeli muri icyo gihe, yari yishimiye ubuntu bw’Umukiza w’umunyampuhwe.”[1]

Ubwami bw’ubuntu bwabimburiwe na Yesu, bwageze ku ndunduro yabwo ku musaraba w’i Kaluvari, aho yagiye mu mwanya wacu kandi agapfa mu cyimbo cyacu kugirango adukiza ugucirwaho iteka kw’icyaha. Binyuze mu buntu Bwe twahawe, abantu bahabwa imbabazi z’ibyaha, bakiyunga n’Imana kandi bagahabwa agakiza gashyitse. Nk’uko byanditswe mu Befeso 2:8, “Mwakijijwe n’ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y’Imana.”

Na none kandi Yesu yigishije ibyerekeranye no kuza k’ubwami bw’Imana mu gihe cy’ahazaza, ubwo yari kuba agarutse. Mu nyigisho Ze zinyuranye, dushimangira ibyo Matayo 25:31-34 ivuga kuri iyo ngingo:

“Umwana w’umuntu ubwo azazana n’abamarayika bose afite ubwiza bwe, ni bwo azicara ku ntebe y’ubwiza bwe. Amahanga yose azateranirizwa imbere ye, abarobanure nk’uko umwungeri arobanura intama mu ihene, intama azazishyira iburyo bwe, naho ihene azishyire ibumoso. Umwami azabwira abari



iburyo bwe ati 'Nimuze mwebwe abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabatunganirijwe uhereye ku kuremwa kw'isi."

"Nk'uko ubutumwa bwo kuza kwa mbere kwa Kristo bwatangazaga ubwami bw'ubuntu Bwe, ni nako ubutumwa bwo kuza Kwe kwa kabiri butangaza ubwami bw'ubwiza Bwe. Kandi kimwe n'ubwa mbere, ubutumwa bwa kabiri na bwo bushingiye ku byahanuwe."[2]

Ijambo "ubwami" mu murongo wo muri Matayo, iyo ryerekeza ku bwami bw'ubwiza, rikoreshwa na Yesu nk'irisobanura uko bizaba bimeze mu bihe by'imperuka igihe azashyiraho ubwami bw'Imana bw'isi yose. Nubwo ibyo bizaba mu gihe cy'ahazaza, isezerano ry'uko Umwami azaza, ni ukuri. Nk'uko Yesu ubwe yabivuze:

"Ntimuhagarike imitima yanyu, mwizere Imana nanjye munyizere. Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi: iyaba adahari mba mbabwiye, kuko ngiye kubategurira ahanyu. Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane iwanjye, ngo aho ndi namwe muzabeyo." (Yohana 14:1-3).

Dushingiye kuri ayo mahishurwa y'agaciro kenshi, Umukristo ntabaho afite ubwishingizi bw'ugucungurwa muri iki gihe gusa, ahubwo na none afite ibyiringiro ntakuka byo kuzacungurirwa [kuba] mu bwami bw'ubwiza.

## GUHABWA UBWIZA BISHOBOZA ABANTU KUBA MU BWAMI BW'UBWIZA

Guhabwa ubwiza ni ugukorwaho n'Imana bigahindura abantu, bikabakuraho ingaruka z'icyaha, bikabaha ukudapfa. Reka turebe uko 1Abakorinto 15:51,52 havuga:

"Dore mbamenere ibanga: ntituzasinzira twese, ahubwo twese tuzahindurwa mu kanya gato, ndetse mu kanya nk'ako guhumbya, ubwo impanda y'imperuka izavuga. Impanda izavuga koko, abapfuye bazurwe ubutazongera kubora natwe duhindurwe."

Umubiri w'umuntu wizera Kristo muri iki gihe ntukwiriye ubuzima bwo mu ijuru kubera ko upfa, ukononekara kandi ukaba udakomeye. Nubwo abizera mu mibereho yabo bashobora kuba buzuye Umwuka, umubiri wabo uba ukiriho ikimenyetso cy'urupfu. Kubw'ibyo rero, igihe hazumvikana ijwi ry'impanda iheruka, ikazavuga mu gihe cyo kugaruka kwa Kristo, Kristo azabaha umubiri mushya.

Uwo mubiri mushya uzaba udashobora kwangirika, ufite ubwiza, utarangwaho icyaha, kandi udashobora gupfa, uteguriwe ubugingo bw'iteka ryose. Umubiri wa kamere w'Umukristo uzahindurwamo umubiri w'umwuka ufite ubushobozi bwo guhagarara [imbere] y'ubwiza bw'Imana kandi ukaba witeguye kwimurwa.

Imana izakora kuri buri wese mu bacunguwe ugukorwaho guhindura, yaba abera bazutse cyangwa abakiranutsi batigeze basogongera ku rupfu. Igitabo cy'Intambara Ikomeye gisobanura neza icyo gitekerezo:

"Azahindura imibiri yacu y'ibisenzegeri maze ayihwanye n'umubiri w'ubwiza bwe. Umubiri upfa, umubiri ubora, wangiritse, wahindanyijwe n'icyaha, azawutunganya, uhinduke agahozo kandi uhabwe ukudapfa."[3]

Byose bizaba biboneye! Iryo hinduka rizagira ingaruka ku miterere y'umubiri w'umuntu ariko buri wese ku giti cye azakomeza kugira kamere ye bwite, bityo abacunguwe bazashobora kumenyana.

"Mu gihe cy'umuzuko, kamere yacu bwite izagumaho…. Ibisigazwa bya nyuma by'umuvumo w'icyaha bizakurwaho, kandi ababereye Kristo indahemuka bazagaragara mu 'bwiza bw'Umwami Imana yacu', mu ntekerezo, ubugingo n'umubiri bagaragaze ishusho iboneye y'Umwami wabo."[4]

## IBIRANGA UBWAMI BW'UBWIZA

Iyo tuvuze ubwami bw'ubwiza, dutekereza kuri Paradizo y'Imana, Isi nshya n'Ijuru rishya. Ariko kandi, ni iby'ingenzi kwemera ko imvugo ya mwene muntu idashobora gusobanura ubwiza bwo mu ijuru. Nta rurimi na rumwe rushobora gusobanura neza uko Paradizo y'Imana imeze. Ku ipaji ya 675 y'igitabo cy'Intambara Ikomeye, icyo gitekerezo gishimangirwa muri ubu buryo:

"Imvugo ya mwene muntu ntishobora gusobanura agaciro k'ingororano izahabwa abakiranutsi. Uzayimenya wenyine ni uzayihabwa. Nta bwenge bw'umwana w'umuntu bwabasha gusobanura ubwiza bwa Paradizo y'Imana."

Nubwo ururimi rw'abantu rufite aho rugarukira, dushobora kugenekereza ibyahumetswe bikuwe mu magambo y'abahanuzi, kandi tukareka ibitekerezo byacu bikatuyobora mu nzira igana muri Paradizo y'Imana. Mu mahishurwa yo mu Byahishuwe, intumwa Yohana yahawe umugisha wo kwibonera ubwiza bwo mu ijuru ry'ubwami buhoraho bw'Imana. Uko abivuga biri mu Byahishuwe 21:1-5, ahagira hati:

"Mbona ijuru rishya n'isi nshya, kuko ijuru rya mbere n'isi ya mbere byari byashize, n'inyanja yari itakiriho. Mbona ururembo rwera Yerusalemu nshya rumanuka ruva mu ijuru ku Mana, rwiteguwe nk'uko umugeni arimbishirizwa umugabo we. Numva ijwi rirenga rivuye kuri ya ntebe rivuga riti "Dore ihema ry'Imana riri hamwe n'abantu kandi izaturana na bo, na bo bazaba abantu bayo kandi Imana ubwayo izabana na bo ibe Imana yabo. Izahanagura amarira yose ku maso yabo kandi urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa ntibizabaho ukundi kuko ibya mbere bishize." Iyicara kuri ya ntebe iravuga iti "Dore byose ndabihindura bishya." Kandi iti "Andika kuko ayo magambo ari ayo kwizerwa n'ay'ukuri."

Dushingiye kuri iri yerekwa rya gihanuzi Yohana yagize, dushobora kugaragaza bimwe mu biranga ubwami bw'ubwiza:

## ISI YAGIZWE NSHYA NA YERUSALEMU YO MU IJURU

Imvugo "isi nshya" yumvikanisha irema rishya. Umububumbe

wazahajwe n'icyaha mu buryo bwimbitse cyane uzarimburwa, ukongorwe n'umuriro w'urubanza rw'Imana. Satani, abamarayika babi n'abanyabyaha bose bazarimburwa burundu. Nk'uko muri Malaki 4:1 habivuga:

"Dore hazaba umunsi utwika nk'itanura ry'umuriro, abibone bose n'inkozi z'ibibi zose bazaba ibishingwe, maze habe umunsi uzabatwika bashire, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga, ntuzabasigira umuzi cyangwa ishami."

Nyuma y'irimbuka ry'uwatangije icyaha (ariwe Satani) no kwezwa kw'isi, ubwiza bwa Edeni buzasubizwaho. Ibyaremwe bizaba bihuje rwose n'Umuremyi, kandi Yerusalemu Nshya izaba umurwa mukuru w'Isi Nshya.

### UBWIZA BWA YERUSALEMU NSHYA

Ubusobanuro butangwa kuri Yerusalemu Nshya, butwumvisha uburanga bwayo n'ubwiza bwayo bw'agahozo. Izarabagirana ubwiza bw'Imana kandi izaba itera ibishashi nk'ibuye ry'igiciro cyinshi, nk'ibuye rya yasipi ribengerana nk'isarabwayi (Reba Ibyahishuwe 21:10,11).

### UBUTURO BW'IMANA HAGATI MU BANTU

Uwiteka azaba ari kumwe n'ubwoko Bwe. Imana izahitamo gutura mu bo yacunguye, ubu bakaba ari abana Bayo by'iteka ryose. Bazahora iteka bishimiye mu masho Hayo h'agaciro kenshi n'umucyo Wayo. Kristo, ari na we wabacunguye, azahagarara iruhande rwabo. Abakijijwe bazaba bafite amahirwe yo kuramya Imana amaso ku maso mu gihe cy'iteka ryose. Ubuturo bw'Imana buzaba muri bo, kandi Yehova azagirana imishyikirano ya bugufi n'abacunguwe.

"Abantu b'Imana bafite amahirwe yo kugirana umushyikirano weruye n'Imana Data hamwe n'Umwana wayo. "Icyakora none ubu turebera mu ndorerwamo ibirorirori." 1Abakorinto 13:12. Tubonera mu bikezikezi ishusho y'Imana nko mu ndorerwamo; mu byaremwe no mu by'Imana ikorera abantu; ariko icyo gihe tuzarebana mu maso duhanganye, ari nta nyegamo hagati yacu."[5]

Nta shavu cyangwa amarira azabaho ukundi. Yohana, umuhanuzi w'i Patimo, yasobanuye imimerere y'ibyishimo n'umunezero by'iteka ryose muri paradizo y'Imana:

"Izahanagura amarira yose ku maso yabo" (Ibyahishuwe 21:4).

Mu Isi Nshya, ubwami bw'ubwiza buzaba ari iwabo w'abacunguwe mu gihe cy'iteka ryose, aho nta marira azongera kubaho ukundi, kubera impamvu zose zitera agahinda no gusuhuza umutima zizaba ari ibintu byatambutse [kera].

"Abacunguwe n'Uwiteka bazagaruka bagere i Siyoni baririmba, ibyishimo bihoraho bizaba kuri bo, bazabona umunezero n'ibyishimo kandi umubabaro no gusuhuza umutima bizahunga." (Yesaya 35:10).

### INDWARA NTIZIZABAHO UKUNDI

Mu Isi Nshya, nta ndwara zizabaho ukundi. Abantu ntibazongera gukenera ibitaro, abaganga cyangwa imiti. Ingaruka zose z'icyaha zizaba zakuweho, kandi nta wuzongera kuvuga ati: "Ndarwaye."

"Nta muturage waho uzataka indwara, kandi abahatuye bazababarirwa gukiranirwa kwabo." (Yesaya 33:24).

"Icyo gihe impumyi zizahumurwa, n'ibipfamatwi bizaziburwa. Icyo gihe ikirema kizasimbuka nk'impara, ururimi rw'ikiragi ruzaririmba kuko amazi azadudubiriza mu butayu, imigezi igatembera mu kidaturwa." (Yesaya 35:5,6).

### URUPFU CYANGWA IKIRIYO NTIBIZAHO UKUNDI

Mu mibereho yo ku isi, urupfu ruhagarika inkuru nyinshi zishimishije. Mu Isi Nshya, nta rupfu ruzabayo, nta kiriyo na gahunda zo guhamba, cyangwa ibituro.

"Kandi urupfu azarumira bunguri kugeza iteka ryose. Uwiteka Imana izahanagura amarira ku maso yose, n'igitutsi batuka ubwoko bwayo azagikura ku isi hose. Uwiteka ni we ubivuze." (Yesaya 25:8). Abazaba baranyuze mu rupfu maze bakazuka, bazavuga bati: "Urupfu rumizwe no kunesha" (1Abakorinto 15:54).

Nta kindi gihe cy'imbabazi tuzahabwa kugirango twitegure ijuru. Aya niyo mahirwe yonyine rukumbi dufite kandi aheruka yo kuboneza imico izatuma tuba abakwiriye kuba mu rugo rw'ahazaza, urwo Imana yateguriye abantu bose bumvira amategeko yayo.

### GUKURIRA MU BWAMI BW'UBWIZA

Mu Isi Nshya, abacunguwe bazashakisha ibitangaza by'urukundo rw'Imana kandi bakomeze kwiga badacogora kugirango barusheho gusobanukirwa imbaraga z'Imana zo kurema.

"Aho mu isi nshya, abacunguwe mu bwenge bwabo butajijwa bazanezererwa ibitangaza by'imbaraga yo kurema n'ubwiru bw'urukundo rwaducunguye. Nta mugizi wa nabi uzaba ahari, nta mwanzi wo koshya abantu kwibagirwa Imana. Ubwenge n'impano zose bizakomeza gukura. Ubumenyi bushya buzajya bwungukwa ntibuzananiza ubwenge bwacu kandi ntibuzacogoza imbaraga zacu. Umugambi mwiza watekerejwe uzagerwaho, kandi icyifuzo cyatangiwe kizashimisha abantu, n'icy'umuntu yifuje kugeraho kizashoboka. Ariko bazahora batera intambwe zo kuzamuka mu rwego rw'ubumenyi, bazahora bunguka ibishya byo kubatangaza, ukuri gushya bazaba bagomba kumenya, kandi imbaraga z'ubwenge, umutima, n'umubiri, bizahora bivugururwa.

"Ubutunzi bwose bwo mu ijuru n'ubwo mu isi buzagaragazwa bube ibyigisho by'abacunguwe. Bazajya bagurukisha amababa nk'ibisiga bajye gusura ayandi masi, yahindishijwe umushyitsi no kumva amahano yagwiriye isi yacu, maze bahanike indirimbo y'umunezero w'ubutumwa

**"Nta kindi gihe cy'imbabazi tuzahabwa kugirango twitegure ijuru. Aya niyo mahirwe yonyine rukumbi dufite kandi aheruka yo kuboneza imico izatuma tuba abakwiriye kuba mu rugo rw'ahazaza, urwo Imana yateguriye abantu bose bumvira amategeko yayo."**

bwacunguye abo bantu. Mu byishimo bitavugwa, abana b'iyo si, binjire mu munezero bafite ubwenge nk'ubw'ibiremwa bitakoze icyaha. Bazafatanyiriza hamwe ubutunzi bw'ubwenge no kumenya by'ibihe byose, bitegereza umurimo Imana yakoresheje ukuboko kwayo. Bazareba ubwiza bw'iby'Imana yaremye nta kibatwikiriye; izuba n'inyenyeri bizaba biri kuri gahunda yabyo, byose bigendera kuri gahunda byahawe, bikagenda bizenguruka intebe y'Imana. Kuri ibyo byose uhereye ku byoroheje ukageza ku bikomeye byanditsweho izina ry'Umuremyi wabyo, kandi muri byo, hagaragara ubutunzi n'imbaraga Umuremyi yabigabiye.

"Kandi mu bihe bidashira, uko imyaka ihita indi igataha, niko abacunguwe bazarushaho kubona amahishurwa y'ubwiza bw'Imana na Kristo. Uko ubumenyi buzakomeza kugwira, niko n'urukundo, kubaha Imana, n'umunezero bizakomeza kugwira. Uko abacunguwe bazarushaho kwiga kumenya Imana, niko bazakomeza gutangazwa n'imico yayo. Nk'uko Kristo azajya arushaho guhishurira intore ze ibanga ryo gucungurwa kwabo, n'insinzi yabo mu ntambara ikomeye yarwanye na Satani, niko imitima yabo izarushaho gusimbagizwa n'urukundo. Umunezero ukomeye ubatere gufata inanga zabo z'izahabu, maze abacunguwe ibihumbi cumi ka bihumbi cumi n'ibihumbi ka bihumbi bahanikire rimwe amajwi yabo baririmba indirimbo yo gusingiza."[6]

Nta kwikanga ko icyaha cyagaruka mu bwami bw'ubwiza kuko nta mushukanyi uzahaba cyangwa ikindi kintu icyo aricyo cyose kibi. Kandi nta giti cy'ubwenge bumenyekanisha icyiza n'ikibi kizahaba ngo gitange amahirwe yo kugeragezwa. Ijuru n'isi byiboneye ubwigomeke bwa Satani kandi byabonye ingaruka zabwo. Ubutabera bw'Imana bwashyizweho, kandi ubutware bw'Imana bukomeye buzatangaza ngo:

"Mugabe w'amahanga, inzira zawe ni izo gukiranuka n'ukuri." (Ibyahishuwe 15:3).

Icyakora, hazabaho kwibuka gusa urugamba rwahoze hagati y'icyiza n'ikibi. Nubwo imibabaro, uburibwe, n'ibishuko by'isi byarangiye; ubwoko bw'Imana buzahora bwumva neza kandi busobanukiwe agaciro k'ikiguzi cy'agakiza kabo. Kristo azakomeza kugira ku mubiri We ibimenyetso by'ugucungurwa. Mu binyejana bitagira iherezo by'ibihe bidashira, ibyo bimenyetso bizatanga ubuhamya bw'urukundo ruhebuje rw'Imana ndetse n'igitambo kitagira akagero cya Yesu [cyatambwe] kugirango ducungurwe.

"Kuba Umuremyi w'amasi yose, Umugenga w'ibiriho byose, yariyambuye icyubahiro cye, akicisha bugufi kubera urukundo yakunze umuntu; kizahora ari icyigisho gitangaje kandi gitere bose kuramya Umuremyi iteka ryose. Ubwo abacunguwe bazajya bitegereza Umucunguzi wabo, bakabona mu maso he hahora harabagirana icyubahiro cya Se; ubwo bazitegereza intebe ye y'Ubwami buzahoraho uko ibihe bihaye ibindi, kandi bakamenya neza ko Ingoma ye itazagira iherezo, bazasabwa n'umunezero baririmbe bati: "Umwana w'Intama watambwe, akaducunguza amaraso ye y'igiciro cyinshi ni we gusa ukwiriye icyubahiro!"[7]

## UMWANZURO

Nyuma yo gucukumbura ubwami bw'ubwiza n'ibitangaza byabwo ntagereranywa, havuka ibibazo byimbitse cyane: Ni nde uzagira amahirwe yo kwishimira ibinezeza by'ubu bwami? Ni nde uzaba umuragwa wabwo?

Tubonera ibisubizo mu mucyo w'ibyo Imana yahishuye: abazakira kandi bakaba mu bwami bw'ubuntu nibo bazaba mu bwami bw'ubwiza. Nibo batsinze ingorane z'isi, umubiri na sekibi.

"Unesha azaragwa byose, nanjye nzaba Imana ye na we abe umwana wanjye." (Ibyahishuwe 21:7).

Abo basabanaga mu buryo bwihariye na Yesu Kristo, Umukiza n'Umwami w'ubugingo bwabo. Bahinduwe n'ubuntu Bwe mu gihe cy'agakiza.

Nshuti bavandimwe, tubayeho mu bihe biheruka amateka y'iyi si. Vuba bidatinze, tuzabona ukuza k'ubwami bw'ubwiza kandi dufite amahirwe yo kwishimira ibinezeza byabwo bidashira. Bityo rero, "Tugomba gukoresha neza amahirwe dufite ubu. Nta kindi gihe cy'imbabazi tuzahabwa ngo twitegurire mo ijuru. Aya niyo mahirwe dufite yonyine yo kurema imico ibereye iwacu hazaza Uwiteka yateguriye abumvira amategeko Ye bose kandi aya mahirwe ni aya nyuma."[8]

Icyifuzo cyanjye mbikuye ku mutima ni uko duhagarara dushyize hamwe nk'abaneshi. Ntidushobora kugira ingorane zo kubura agakiza kacu. Imana idufashe kandi iduhe umugisha kugirango mwebwe nanjye dushobore gusangirira mu bwami bw'ubwiza bwo muri paradizo yo mu ijuru. Amena! ℛ

### Aho Biboneka:

[1]*Uwifuzwa Ibihe Byose*, p. 232.
[2]*Ibid.*, p. 234.
[3]*Intambara Ikomeye*, p. 645.
[4]*Ukwizera Kumbeshejeho*, p. 185.
[5]*Intambara Ikomeye*, pp. 676, 677.
[6]*Ibid.*, pp. 677, 678.
[7]*Ibid.*, pp. 651, 652.
[8]*Ibyaduka byo mu Minsi y'Imperuka*, pp. 236, 237.

the Reformation Herald

P.O. Box 7240
Roanoke, VA 24019-0240

MOVING? Please let us know.

Periodical Postage PAID
Roanoke, VA 24022

# UBUTUMWA BUGOMBA GUKWIRAKWIZWA

BYATEGUWE NA BARBARA MONTROSE

Mu isi y'uburiganya, ni bangahe bumvise
Ubutumwa bwiza buturuka ku Mana kuva mu gihe cy'amabyiruka yabo?
Mu Byanditswe Byera haranditswe mu buryo bwumvikana neza ku bw'iki gihe;
Ko ubutumwa bw'ingirakamaro cyane ubu – ari Ukuri kw'iki Gihe!

Igihe kwigishijwe hirya no hino, mu misozi no mu bibaya,
Mu mitima hirangira ijwi ryiza ry'igisubizo
Nk'uko ubugingo buzahajwe n'umwijima bukangukira mu byiringiro
Bugasobanukirwa ko ubu butumwa buturutse ku Uwiteka!

Umuhamagaro ugera kuri buri wese muri twe, mu mutima wacu;
Ko iki aricyo gihe dukeneye kwihana.
Tukiyambura icyaha n'ibitwoshya gukora ibibi,
No kwiringira Umukiza woherejwe mu buryo bw'ubuntu.

Mu gihe guhanga amaso Kristo udusaba,
Uwo abantu bagomba kwishingikirizaho ubutanambuka,
Igitambo Cye gitanga imbaraga binyuze mu maraso Ye;
Ni we Gitare cy'ibihe byose; ntagira igicucu cyo guhinduka.

Iyi si igiye kugera ku iherezo bidatinze, hamwe n'agahinda itera;
Ku buryo abantu bose babona ko hari ikintu kitagenda neza.
Mbega ukuntu dufite icyifuzo gikomeye kubwo kwizera mu gihe dutekereza
Ku byerekeranye no gusabana na Yesu no kubona umunezero w'ijuru!

Ubu ngubu imiraba n'inzara biriganje,
Indwara n'intambara hamwe n'agahinda n'umubabaro
Bikwiriye kwegurirwa Yesu, we byiringiro byacu
Tukagira ishyaka mu murimo binyuze mu mvura y'itumba y'Imana

Uku kuri si igitekerezo; ni umwuka n'ubugingo,
Gufite imbaraga, kwera imbuto mu mutima aho kubitswe.
Igihe ibyo byose bizaba birangiye, kandi Umukiza wacu akaza,
Azazanira buri wese ingororano imukwiriye.

Mu gihe ukuri gukwiriye kugirwa nyambere gusekwa kandi kugasuzugurwa;
Umukobanyi n'useka ubutumwa aka kanya abuhindura ubusa,
Ariko igihe bazaba batari maso, nibwo igihe cy'imbabazi kizarangira;
Maze Umwami Yesu agaruke mu bwiza Bwe!

Ubwo rero, ubu ngubu nibwo dufite amahirwe yo kwihana ibyaha byacu,
Ubu ngubu nibwo dufite amahirwe yo kugera mu murima,
Isarura ni ryeru kugirango dusarure imitima
Umurimo ugomba gukorwa n'abantu bake bashyizweho ikimenyetso.

Kubwo guhanga amaso Yesu, no kuguma muri We,
Turazamurwa tukarenga ukwangirika kose no guhangana.
Kubw'ubuntu buri mu mbaraga Ze, dukorera uruzabibu Rwe,
Ndetse binyuze no mu kwizera izina Rye no kubaho imibereho nk'Iye!